NTO.F/
REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA COORDINATION DES AFFAIRES ADMINISTRATIVES ET POLITIQUES.

--------

Rep

Kigali, le 28 septembre 1970.

N°482 / 10.10.01

Kuli Bwana MUNYANGABE Michel
Raporteri wa MDR PARMEHUTU
Komini GISHYITA
Prefegitire **K I B U Y E**.

Urwandiko rwawe rwo kuwa I8/8/1970 rwerekeye uko umerewe muli Parti mu karere utuyemo rwangezeho.

Ikibazo cyawe nasanze kireba kandi kigomba gukemurwa n'inzego z'ubutegetsi bwa Parti.

Le Ministre,

Ath. MBARUBUKEYE.

Bureau Exécutif National
du
Mouvement Démocratique Républicain
PARMEHUTU
B.P. I9 GITARAMA RWANDA

C O P I E.-

Gitarama,le 7 Juillet 1970.

Département social: 07/
Département Politique:09/

Réf : 09/05I/707.
Objet:

A traiter par
Date entrée :
No Classement : 30/APA/07.

Komini

Bimenyeshejwe:

- Nyakubahwa Prezida wa MDR PARMEHUTU i GITARAMA.-
- Bwana Préfet wa Préfecture ya KIBUYE.-
- Bwana Secrétaire Régional wa KIBUYE.-
- Juge-Président wa Tribistance ya KIBUYE
- Bourgmestre wa Komini ya Gishyita.-
- Inspecteur d'Arrondissement ku KIBUYE.-
- Bwana J.HABYALIMANA Responsable wa GISHYITA

Kuli Bwana MUNYANGABE M.Inspecteur wa Secteur Gitesi i GISHYITA.-

Bwana Munyangabe,

Tumaze gusoma impapuro zawe zigenda zivuga ubugongane buli muli Komini ya Gishyita,zisobanura ibice biyilimo ali nabyo bituma ubugongane muli iyo Komini bwarabaye akarande.

Tumaze kubona ko muli ibyo bice nawe ufite icyo ulimo kandi icyo gice ulimo kikaba gituma ubwo bugongane uvuga butoroha.

Tumaze gusoma impapuro za bagenzi bawe HABYALIMANA J.na GASHAKABUHAKE Bourgmestre urega;

Tumaze kureba twitonze rapport ya Commission yoherejwe na Secrétariat Régional kwiga ibyanyu le 27/4/70 kugeza le 30/4/70;

Tumaze kwitegereza ibyo Abakuru b'Imilimo muli Kibuye bavuga kuli ubwo bugongane buli muli Komini ya Gishyita;

TUGUSABYE:

- Kureka ubutiliganya bushingiye ku muvundo utera mu Baparmehutu muli ako karere k'iwanyu.
- Gushaka uburyo wakumvikana na bagenzi bawe Bourgmestre GASHAKABUHAKE na HABYALIMANA J. mugakorera Parti mu nzira nyazo zizira ubuliganya n'amatiku atuma mutumvikana.
- Kwiyunga n'Abarwanashyaka ba Parmehutu musopana bose!

AMAHORO.

Le Secrétaire Exécutif National
du MDR PARMEHUTU

Sé/ MPAKANIYE Lazare.

MUNYANGABE Michel
Rapporteur local du MDR
Parmehutu
Commune de Gishyita
Préfecture de Kibuye.-

Gishyita, le 18 Août 1970.

30.8
70

Kuli Nyakubahwa Bwana Ministre wa Coordination à la Présidence pour les Affaires Politiques et Administratives i K I G A L I.-

Nyakubahwa Bwana Ministre,

Nkuko ali mwe Nyakubahwa Prezida wa Repubulika yashinze ibyo guhuza Politique na Administration, nishimiye kubibutsa ibyanjye nabanyuliyemo ubwo twali kumwe kandi mboherereje n'inyandiko yabyo kuko byose biyifite nkuko mwambwiye ko kubigira ali byo byiza.

Ibyo mboherereje ni:

1.-Raporo yanjye yo kuwa 26 avril 1970.
2.-Ibarwa yo kuwa 28 avril 1970 n'ibyo yali ihereke je.
3.-Ibyireguro byanjye byo kuwa 23 mai 1970.
4.-Copie y'ibarwa ya Habyarimana isobanura neza p 6 y'ibyireguro byanjye.
5.-Copie ya raporo ya Commission yagiye gusuzuma iby'i Gishyita.
6.-Copie y'ibarwa noherere jwe na Nyakubahwa Bwana Secrétaire Exécutif National.
7.-Ibarwa yanjye yo kuwa 24 juillet 1970 yagiraga icyo ivuga kuli iyo yaturutse muli Secrétariat Exécutif National.
8.-Copie y'ibarwa noherere jwe na Secrétaire Régional wa Kibuye.
9.-Ukujulira kwanjye kwabaye le 28 juillet 1970.

Nyakubahwa Bwana Ministre, sinarangiza ntabashimiye umwete muzabisuzumana, ntabashimiye inama z'ingirakamaro mwangiliye kandi ntabifulije ishya n'ihirwe mu milimo mushinzwe.

Rapporteur local du M.D.R. PARMEHUTU à Gishyita,

MUNYANGABE Michel.-

MUNYANGABE Michel
Rapporteur local
COMMUNE DE GISHYITA
Préfecture de Kibuye.-

Gishyita,le 24 Juillet 1970.

Bimenyeshejwe:
-Nyakubahwa Prezida wa M.D.R.Parmehutu i GITARAMA.-
-Bwana Préfet wa Préfecture ya KIBUYE.-
-Bwana Secrétaire Régional wa KIBUYE.-
-Inspecteur d'Arrondissement ku KIBUYE.-
-Juge Président wa Tribinstance ya KIBUYE.-
-Bourgmestre wa Komini ya Gishyita.
-Bwana Habyarimana J.Responsable wa GISHYITA.-

Kuli Bwana Secrétaire Exécutif National du MDR PARMEHUTU à GITARAMA.-

Nyakubahwa Bwana Secrétaire Exécutif National,

Ibarwa yanyu n° 09/051/707 yo kuwa 7 juillet 1970 nayisanzemo umuti wakoroshya ibya Komini Gishyita mwumvise. Si ukubera ko ali jye wagaragajweho kuba mbitera ko bitanshimisha,kuko iyo ataba jye yajyaga kuba undi. Icyanshimishije ni uko abaturage bashobora kumererwa neza,kuko ibyo navuze byose ntacyo navuze kinyerekeye. Ibyo rero bikazatuma Abategetsi babo babareba neza ntibazire ngo ni aba kanaka kuko utera umuvundo mu Bapermehutu agiye gukulikiza inama zishimishije yagiliwe.

Nyakubahwa Bwana Secrétaire Exécutif National, ibya Gishyita byabaye akarande kugeza ubu,iyo bibona ababihana,ubu biba byaracogoye cyangwa byararangiye. Kuba rero bitarashobotse ni uko abagombye kubihosha babifitemo ibice,aho kugira ngo bashake ubulyo babanisha abantu, ngo babahe inama,babereke umurongo,babunge,bagashyigikira bya bice. Secrétariat Régional imaze kohereza muli Gishyita Commissions zigeze kuli 3,ibyo zasanze ni byo navuze mu mpapuro mwabonye uretse ibishya byalimo. Kugeza ubu,byabuliwe umuti. Kubiceceka nabyo bikaba bitali bikwiliye Umuparmehutu kandi byiyongera. Ntawashatse rero kubabanisha,ngo abunge,abereke umurongo. Abaturage hagati aho barahagwa cyane kuburyo uvuze ibyo bakorerwa akavuga n'igice kibikora aba agaragaje ko ali mucyo atavuze. Icyo gihe rero bikitilirwa ibyo bice aliko ntibarebe akababaro k'abaturage n'ukuntu babahesha amahoro.

Nyakubahwa Bwana Secrétaire Exécutif National, navuze ibintu uko nabibonaga,nabivugiye ko mugenzi wanjye Habyalimana yabivugaga uko bitali,namusaba kubihindura ntabikozwe,yajya no gutanga situation Politique ya Gishyita ntabivuge,akagaragaza ko iyo Komini imeze neza. Ikibigaragaza ni uko kugeza ubu iyo raporo twapfuye itaragarazwa,kuko yiregura icyo yagombaga kugaragaza mbere ali iyo raporo yatumye dusopana. Ndabasaba rero ko mwayimwaka mukayireba aliko mbere yo kuyohererezwa nkayinyuzwaho ngo ndebe ko ali yo. Kugeza le 26/5/70 iyo raporo yali igihishe Igiteye impungenge ni uko icyatumye atayerekana kugeza ubu,yategereje kuyihindura kuko uwo bali bakoranye iya mbere atakwanga gusinya iyo bakorana nyuma. Kuba ndi mu gice rero si byo byagombaga gutuma uwo Responsable adakora iyo raporo ye neza,kuko uretse iyo twapfuye ntabundi tutakoranye umulimo dushinzwe neza.

Nyakubahwa Bwana Secrétaire Exécutif National, impapuro nagaragaje le 26/4/70 mu nama ya Secrétariat Régional,zakiliwe neza,ibyo navuze biremerwa,kandi na Secrétaire Régional yali abizi kubulyo yanamfashije mbisobanulira abatabizi. Yahise ako kanya abiha Commission. Uko nabivuze niko Commission yabisanze. Ibyo biragaragara muli raporo y' iyo Commission ya Secrétariat. Igihe rero nabivugaga,Nyakubahwa Bwana Secrétaire Régional,yali yibagiwe yuko batugannishije,inyuma igihe abyibukiye afata igice. Ibyo mwohereje ntabigaragaze,ntabitangire igisubizo cyanga se ngo abyereke abo bafatanije umulimo ngo babihe igisubizo.

1.- Le 28/4/70 nandikiye Secrétariat Régional,ibarwa yali iherekeje kopi z'inzandiko Habyalimana yali yavuze ko namutukiyemo le 26/4/70. Nkuko rero aliwe Secrétaire Régional yashoboraga kumpa ibyo nayisabagamo alibyo byireguro bya Habyalimana kimwe ni ibya Gashakabuhake,kugirango aduhe twese les mêmes chances. Iyo barwa yabaye recommandé n° 300 officiel le 4/5/70,ayikurayo le 8/5/70,aliko kugeza ubu nta gisubizo nali nabona.

... / ...

( suite)

2.- Le 24/5/70 yashyikilijwe ibyiregúro byanjye kubyo Habyalimana na Gashakabuhake bali bandeze. Le 26/5/70 iyo document yanze kuyisomera Secrétariat Régional kimwe n'iya mbere;nibyo bakoze byose baghingiye kuli raporo ya Commission yali yasuzumye za documents zacu izo hamwe n'imvugo y'abaturage. Nkuko izo documents zombi zitagaragajwe,namwe mukaba mutazibonye,nishimiyek kuziboherereza hamwe n'iyi barwa. Icyateye Secrétaire Régional kubigira atyo ni uko baduteranije mu itora lishize,akageza n'aho andega Officiellement le 12/9/69 ntampe na kopi ngo mbe nakwiregura,nubu akaba aliko ashaka gukomeza kungira. Urugero:le 26/5/70 habaye inama ya Secrétariat Régional,baraduheza(Habyalimana,Gashakabuhake nanjye). Aho irangiliye ntacyo Secrétaire Régional yatumenyesheje kandi yarangiye duhal Kumenya ibyo twavuzweho byo narabizimuliwe. Igitangaza ni uko Habyalimana wali wasabiwe igihano kimwe nanjye,yabimenyeshejwe akaba yarabajulilyiye le 29/5/70 aliko jye simbimenyeshwe ngo nanjye njulire. Uko mubizi se hali ujulilira amazimwe cyangwa se urubanza rutarasomwa? Yahise rero amumenyesha ibyabaye kugirango nawe ahite aboherereza imvugo ye.
Ndabashimira kuba mwaranyuze mukuli,mukaba mwarasanze ko iryo julira litali lifite ishingiro kuko xxxxxx alintacyo mwabivuzeho,aliko kuba ryarabaye bikaba bibagaragaliza uburyo ababili bishe umwe.

Nyakubahwa Bwana Secrétaire Exécutif National ibyo Abakuru b'Imilimo bamvuzeho ku byerekeye ubugongane bw'i Gishyita,sinakwihutira kubyemera kuko ntakundi ababajijwe bashoboraga kuvuga. Ibyo bavuze bali babibajijwe,ibyo bibazo byali bifite aho bikurwa kandi birasanzwe umuntu asubiza ikibazo uko akibajijwe. Tuvuge ko bali bitwaje ibyo Habyalimana na Gashakabuhake bali banyanditseho,ntawashoboraga gusubiza uko bili kereka umuturage wa Gishyita cyangwa se umukuru w'Imilimo waba ali ku Kibuye kuva muli 60 cyangwa mbere. Urugero: Gashakabuhake na Habyalimana bemeje ko nabaye impunzi. Umukuru w'Imilimo wahageze muli 68 cyangwa 69 yamenya ate niba ali ukuli cyangwa se babeshya? Yakwihutira kwemera xx ibyo bavuga kuko yaba abakekana ukuli. Aho rero s'ikosa ryabo.

Nyakubahwa Bwana Secrétaire Exécutif National mu nama mwangiliye,mwansabye kumvikana na bagenzi banjye Bourgmestre Gashakabuhake na Habyalimana;ndabibashimira; nkaba mbamenyesha ko ntagihe ntabishatse;ibyo bikaba bigaragara mu barwa twandikiranye na Habyalimana kandi Gashakabuhake atahishwe.Nizeye ko ubwo mwabamenyesheje ibyo mumbwiye,bazilinda amafuti twapfuye,akazi ka Parti tukagatunya neza nk'uko twali tubisanganywe.

Sinarangiza xxxxx Nyakubahwa Bwana Secrétaire Exécutif National,ntabasabye inama. Mwambwiye ko ngomba kwiyunga n'Abarwanashyaka ba Parmehutu dusopana bose. Abo nali nzi ni batatu ali bo: Rutabagisha Amiel( Secrétaire Régional),Habyalimana Joseph(Trésorier Régional) na Gashakabuhake David(Bourgmestre et membre du Secrétariat Régional nkaba rero nabasaba kumenyesha niba hali abandi ngo tuziyungire hamwe. Ikindi nabasaba ni ubulyo nashobora kwiyunga nabo kuko bose bantegeka,nkaba rero natinya ko "genda uzagaruke ejo"yazambera ikosa,hakazashira igihe kirekire bataretse ngo twiyunge,ibyo rero bikazashobora kugira influence kuli Komite Lo-cal utaretse na Secrétariat Régional uhereye ubu. Dore nka Habyalimana Joseph yatumije abaturage iwe le 16/7/70,ababwira ko naciwe x muli Parti ko kandi muli Septembre 1970 ntazatangira akazi ngo nalirukanywe. Yongeraho ko abambanira bose bagomba kundeka kuko uzabigira azaba atali mu murongo wa Parti.Uko rero niko atangiye gusobanulira abaturage ibarwa yanyu ya le 7/7/70 mwamuhereye Kopi.

Nyakubahwa Bwana Secrétaire Exécutif National ndangije mbamenyesha ko ibyo mwansabye nzabikora,ibizaba binaniye n'ibizaturuka mu kunanizwa sinzabura kubibamenyesha kandi nubu sinorohewe.

Tugire Parti ya rubanda-rugufi MDR Parmehutu na Prezida wayo Nyakubahwa Docteur Grégoire KAYIBANDA.-

MUNYANGABE Michel.-

Rubengera, le 22 Juillet 1970.

Bimenyeshejwe Bwana Inspecteur~~x~~ w'Ifasi
ku
<u>K I B U Y E</u> .-

Kuli, Bwana MUNYANGABE Michel
Inspecteur w'Akarere
i
<u>G I T E S I</u> .-

Bwana Munyangabe Michel,

Ndakumenyesha ko Secrétariat Régional igutumiye mu nama izaba le 26/07/70; kugira ngo uzasobanure za rapports eshatu (3 rapports) wandikiye Secrétariat Régional.

Twizeye ko utazabura muli iyo nama.

Le Secrétaire Régional du MDR PARMEHUTU,

sé: RUTABAGISHA Amiel.-

Pour copie ~~certifiée~~ certifiée sincère ~~et~~ et conforme à l'originale

MUNYANGABE Michel.-

MUNYANGABE Michel
Rapporteur Local du MDR Parmehutu
Commune de Gishyita
Préfecture de Kibuye.-

Gishyita, le 28 Juillet 1970.

---

Impamvu: Kujulira.

Bimenyeshejwe:
-Nyakubahwa Prezida wa M.D.R. PARMEHUTU i GITARAMA.-
-Bwana Secrétaire Régional wa MDR Parmehutu ku KIBUYE.-
-Bwana Préfet wa Préfecture ya KIBUYE.-

Kuli Nyakubahwa Bwana Secrétaire Exécutif National wa M.D.R. PARMEHUTU i GITARAMA.-

Nyakubahwa Bwana Secrétaire Exécutif National,

Ndabamenyesha ko ibyo Secrétariat Régional yemeje kuli jye ku italiki ya 26 juillet 1970 ntabyemera kuko nta kuli biranganwa, bikaba bishingiye ku nzangano z'ababinkoreye kubera ko:

I.-Ibyo navuze muli raporo yanjye yo kuwa 26/4/70 byemewe, bigashyigikirwa na Secrétaire Régional ndetse akabiha na Commission.

2.-Commission yasanze ibyo navuze ali byo kandi ákaba atali jye ugaragazwaho kuba mbitera.

3.-Inama ya Secrétariat Régional yateranye ku wa 26/5/70 yagaragaje ko twakwamburwa ubuyobozi bwa Parti kubera ukutumvikana kwabaye kandi nabyo nali mbifitiye imvugo.

4.-Urwandiko rwavuye muli Secrétariat Exécutif National n° 09/05I/707 rwo kuwa 7 juillet 1970 ntabwo rwabategetse kumpagalika muli Parti cyangwa se ngo rubahe uburenganzira bwo kumpana.

5.-Bureau Régional niyo yateguye décision kandi bizwi na buli wese ko Secrétaire Régional kimwe na Trésorier Régional tutumvikana.

6.-Mbere yo gucirwa urubanza uregwa aliregura (Article I7 du Statut).

7.-Ibyireguro byanjye nàamabarwa nandikiranye na Habyarimana bitasuzumwe na Secrétariat Régional.

Izo ngingo uko ali indwi nizo ngiye kubasobanulira mu magambo arambuye.

I.-Raporo yanjye yo kuwa 26/4/70:

Nkuko nabiyivuzemo, Responsable namusabye ko raporo yahinduka aranga, nsanga yayindegesha, andegera umwanzi kandi nawe atankunda bizamerera nabi nyuma. Nahise nkora isa nayo kugira ngo nabigira mpite niregura. Iyo amenyesha rero ko tuzigana iyo raporo simba narayisubiyemo ngo natange n'impamvu zatumye ntayisinyira. Gutanga raporo ntibyali binaniye, iyo njya kubigira rero simba narakoreye mu yindi, byajyaga kugaragara yuko atanze iye nanjye iyanjye. Ikinabyemeza ko ibyo mvuga ali ukuli ni uko iyo raporo itaragaragazwa kandi yaragombaga kwerekwa ya Commission. Ikindi cyanteye impungenge ni uko ntacyo yabivuzeho ahawe ijambo, nkeka ko iyo raporo yaba yatanzwe rwihishwa, iyanjye nayo nyitanga ntacyo nyivuzeho. (Kuba itaragaragazwalijwe Commission biremeza ko yatanzwe rwihishwa, ikazikwa).

Secrétaire Régional yansabye kubivuga mubwira ko icyatumye Habyarimana atabirangira Abaparmehutu yabitinye, ko rero icyamutinyishije nanjye kintinyishije. Ubwo yahise yakira iyo raporo. Ashingiye ku ngingo ya II ya Statut antegeka kubivuga mu magambo make/. Nabanje kwanga aho bigeze ndabivuga kuko yambwiraga ko Umuparmehutu ntacyo agomba gutinya mu gihe avugira ibintu ku mugaragaro. Ingingo zose amaze kuzumva, zimwe yahise azisobanulira Secrétariat yose, nyuma ampa uburenganzira bwo gusomera inama yose iyo raporo nali nahisemo kumuha ntacyo mvuze kubera impamvu navuze haruguru. Abagabo ntanze ni abali muli iyo nama bose.

..../....

Iyo rero asanga ntacyo byicira Parti ntaba yarabishyigikiye kandi ngo anabihe Commission yo kubigenzura.
Kunsha muli Parti umwaka wose bahereye kuli iyo raporo ndasanga ali akarengane,kuko nakulikije statut kandi nkumvira n'Umuyobozi wanjye.

2.-Commission yoherejwe:

Yagiye yitwaje iyo raporo igezeyo ibona document ya Habyarimana,iya Gashakabuhake,iy'abaturage 33 ba Bissero bagwiliyemo abakozi ba Habyarimana uteretse iya Nkikabahizi.Muli izo documents zose xxxxxx buli wese yavugaga ibintu uko abibona kandi kuburyo bwe.
Commission imaze kwiga izo nzandiko zose ntacyo yasanze navuze kitali ukuli.Nyamara ibyo bagenzi banjye banvuze(ukuyemo Nkikabahizi kuko ibye ntacyo babivugaho)basanzemo inenge kuko hagaragaramo urwangano rukaba rwarabateye kumbeshyera muli byinshi.
Ku mvugo y'abaturage babajijwe bose,mu mpande zose za Komini,ntawe tutahuje. Uwo basanze,bakulikije imvugo y'abaturage,arusha abandi kubishyuhira no kubishyigikira ni Habyarimana.(Voir rapport de la Commission).

Commission yasanze ibyo navuze ali byo uretse gusa ko yasanze nanjye mfite igice;ibyo birasanzwe ntawe utakigira kuko utakuvugiye aba atali uwawe cyangwa se mutabona ibintu kimwe.
Guhera kuli iyo raporo batugorora,batwiyama,batwereka umurongo,ni byo. Kuyiheraho bampagalika muli Parti amezi I2 yose ni akarengane.

3.-Inama ya Secrétariat yo kuwa 26/5/70:

Iyo nama yali yahurulijwe kwiga raporo ya Commission.Mbere yo kuduheza, Secrétaire Régional yanze ko ibyireguro byanjye byabonetse Commission yararangije raporo yayo,bitasomerwa Secrétariat Régional.Iyo Secrétariat yasanze icyakiza Gishyita ali uko Biro yaho yaseswa.Ibyo narabisobanuliwe.Uwamenyeshejwe na Secrétaire Régional ni Habyarimana washoboye kubijulira le 29/5/70. Iyo nanjye nzakubimenyeshwa mba narabijuliliye kuko ukuli navuze aliko kwasanzwe.Iyo Secrétariat yabyemewe yose.Ibyo biragaragara muli P.V. y'iyo nama.
Uhereye kubyemejwe niyo Secrétariat,Biro ntiseswe kuko uretse iyo raporo y'umunsi umwe ntayindi twigeze dupfa,bakatugorora,bakatwunga,ibyo ni byo. Kumpagalika umwaka wose muli Parti kandi Secrétariat iteretswe ngo isuzume ibyireguro byanjye ndetse n'inzandiko Habyarimana yavuze ko namutukiyemo le 26/4/70,ni akarengane kuko ndi mugufi.

4.-Urwandiko rwa Secrétaire Exécutif National(n°09/05I/707 du 7/7/70):

Ibyacu byasuzumwe na Secrétariat Exécutif National.Urwandiko noherereje we na Secrétaire Exécutif National kandi na Secrétaire Régional utaretse Trésorier Régional kimwe na Gashakabuhake(Bourgmestre)akaba na Membre du Secrétariat Régional bamenyeshejwe,rwavugaga ko xxxxxx twakwiyunga,tukumvikana,ntaho rero babamenyesheje ko bagomba kumpagalika muli Parti.Ubu rero ndibaza niba barubahilije ingingo ya 42 na 43-f ya Statut kubyo bakoze bampagalika muli Parti cyangwa se niba hali ubundi burenganzira bahawe iruhande buvuguruza amategeko yanditse.Kuva kandi aho mboneye iyo barwa ntacyaha nakoze ngo mbe narakirezwe ngo noneho bagihereho bagaragaze uko nananiranye.
Ubu se ko ntahakanaga kwiyunga nabo,ubu bakaba bampaye akato,bakaba bavuza induru mu baturage ngo naciwe muli Parti,bakababwirako bagomba kunyilinda, abambuza abaturage bazatuma mbegera alibo maso yabo?Ubu se nzarangiza nte ibyo mwansabye muli Ababyeyi.Ubu se hali umugabo wundi ntibibereka ko ibyo bamvuga byose ali ukunyanga.Ubu se bubahilije décisionyanyu mwabamenyesheje? Ubu se sindenganyijwe ku mugaragaro,izuba liva?

5.-Bureau Régional yateguye décision:

Ubundi uko bisanzwe décision ituruka kuli débats.Ntawanzura ataranzika. Bureau Régional yateguye décision ihita ikoresha vote.Iyo décision narayisabye ndayimwa kandi nta mpamvu nahawe.Koko ubwo urebye nka Secrétariat ivuga ibintu none,ejo ikabihindura kandi bitanyuze mu nzira zikwiliye, ubwo se ntibababagaragaliza inzangano z'Abayobozi bayo!
Ubu se kandi hali umugabo wundi muzongera gushaka ku byo navuze mu ibarwa nabandikiye le 24 juillet I970?Abayobozi b'iyo Secrétariat,babili muli bo birazwi rwose ni abanzi banjye.Urwangano rwanjye nabo rwaturutse kubuhemu bangiliye bica amasezerano twagiranye;igitangaza rero ni uko alibo bandusha uburakali,bakaba bampiga kandi ntawe nahemukiye.Byose bisobanuye mu byireguro byanjye.

..../....

Sécrétaire Régional aho ngaragalije ibyo inshuti ze zikora yabanje kubyumva, asanze mvuze icyashyira Parti imbere kandi ndi umwanzi niko gufata igice, yiyibagiza ukuli kuburyo atanatinye kuvuga ko ndi mu ikosa kuba naragaragaje ibintu bili muli Komini, Responsable ba Bourgmestre bacecetse le II/5/70 mu nama yali iyobowe na Nyakubahwa Ministre de l'Intérieur et des Affaires Judiciaires.

Uretse ko ali Umwanzi akubitiyeho no kuba umuburanyi kuko ibyabaye byose abilimo, urubanza rero yanshira kubera izo mpamvu zombi kuko nta kuli gushobora kuhaba. Ngira ngo ntawundi mugabo kuko yabigaragaje.

Bwana Trésorier Régional (Habyarimana Joseph) nawe ni umwanzi. Sijye wamwanze niwe kubera ubuhemu yangiliye. Ibyo muzabibona mu byo twakoranye (plans) kimwe n'inzandiko twandikiranye uretse ibyo yambeshyeye byinshi bikageza naho avuga ko nakoresheje inama ku Mubuga kandi nali i Kigali.

Ukuli muzagusanga mu byireguro byanjye. Ubu se ko ali umuburanyi akaba n'umwanzi ashobora kunshira urubanza ate? Akarengane ngaragaza ni uko nyine yanshiliye urubanza rubi nkaba mbasaba kunsuzumira ibyanjye kuko ndengana.

6.-<u>Mbere yo gucirwa urubanza uregwa aliregura:</u>

Bwana Secrétaire Régional yanyandikiye ibarwa le 22 juillet 1970 ansaba kuzaza gusobanura za raporo 3 zanjye zili muli Secrétariat Régional. Bwana Secrétaire Régional amaze gusoma décision ye na Habyarimana yahise abaza abayihakana akomeza no kongeraho za commentaires zishingiye ku nzangano.

I.-Avuga ko nahunze: Ndibaza igituma abigira ikosa ubu kandi yali abizi kuva kera uretse ko avuga ibinyoma.

2.-Avuga ko impunzi yangendereye: Ndibaza igituma abigira ikosa ubu, kandi yarabimenyeshejwe, Ubutegetsi bwa Préfecture bukabimenyeshwa ntibubisangemo ikosa, Ubutegetsi bwa Komini bwakoreye iyo mpunzi ankete ntibube bwaragaraje ikosa, nkibaza n'impamvu atabigize umuziro le 20/6/69 kandi ali Umuparmehutu.

3.-Avuga ko Mukuru wanjye ali ruhali: nta gihe atabimenye kandi si ndi responsable w'ibikorwa bye. Nijye agomba kureba akagaragaza ububi bwanjye.

4.-Avuga ko mfite umututsi-kazi: Niba ali ikosa ndibaza icyatumye yemera ko niyamamaliza ubujyanama muli 67, nkaba Rapporteur local muli 68, nkiyamamaliza kuba muli 7 Membres du Secrétariat Régional, nkiyamamaliza ubudepite ntabivuge, ubu se abivugishijwe no kuba Umuparmehutu, cyangwa se ni urwango rubimuteye. Urongoye umututsi-kazi aba yishe itegeko rya kangahe ali mu ya Mungu, ali mu y'idini, ali mu y'Igihugu ali no mu ya Parti? Se ubundi umugore agira ubwoko? Habyarimana we se ntafite umututsi-kazi?

5.-Avuga ko nduwanira gutwara Komini Gishyita: Anyemereye kubyiyamamaliza nayitwara naho ubundi ntibishoka kuko ntayiba. Uretse kubeshya hali uwo mwumvise wibye ubutware nkaba uwa kabili?

Ibyo abirangije yahise avotesha ntawe ugize icyo avuga. Hagati aho nakomeje gusaba ijambo kandi ali nacyo natumiliwe, aralinyima, alimpa amaze kuvotesha. Hali akarengane karenze ako?

7.-<u>Ibyireguro n'amabarwa:</u>

Ibyireguro byanjye n'amabarwa nandikiranye na Habyarimana nkuko byahishwe les Membres du Secrétariat Régional nabasaba kubyiga, kuko kugeza ubu bamvuga bakulikije ibyo Gashakabuhake na Habyarimana kimwe na Rutabagisha bababwira. Ibyo byabafasha kubona umuti w'ibyino. Uwahera ku ayo mabarwa yamenya aho ahera atanga umuti kuko yaba amenye uko byatangiye. Aliko nabyo ndibaza aho muzabihera. Mubyo Secrétaire Régional yamvuze byamakosa yavuze ko nakosheje cyane kuba naranganye na Nkikabahizi ngakunda Gashakabuhake na Habyarimana, hanyuma aho dusopaniye nabo, nongera kubana na Nkikabahizi. Bose barampemukiye kandi mu nzira zimwe, nkuko rero Nkikabahizi yalii ansabye imbabazi nkabona ko kwangana ntakamaro; nahisemo kumubanira mu buryo nshoboye kandi na Prezida wa Parti ntagihe atabisabye. Nkuko bose bampemukiye uwansaba imbabazi nazimuha, uwababazwa rero ni uko nababaliye undi yaza yaza agangaya kutamuha imbabazi mu gihe azinsabye.

Nkuko rero ibarwa yanyu yabivugaga, jye nali munzira za kuzibasaba nubwo ali jye wahemukiwe bwose kuko ntabasuzugura kandi muli Ababyeyi none dore barongeye. Ubu se nzabigenza nte? Ako niko karengane navuze kandi mvuga nkaba mbasaba rero kundenganura.

..../....

<u>Umuryango wanjye-ubuzima bwanjye n'ibyanjye:</u>
Mbashyize mu maboko ubuzima bwanjye ,ubw'umuryango wanjye n'ibyanjye byose kuko ibintu byakomeye. Bamaze kunkatira nk'urwa Yezu gusa ni uko nibura yireguye, Bourgmestre Gashakabuhake yavuze ko igihano ali kiza ko aliko bagomba kunyihaniza bakanyumvisha,ko niba ndacukiye aho azanyiyumvishiliza. Ibyo rero biteye impungenge kuko ali Umutware akaba yaratinyutse kuvugira ijambo nk'iryo ku mugaragaro,ngirango ntaho yahishe niyo mpamvu nishinganye,umuryango wanjye kimwe n'ibyanjye byose kuko ubwoba naba mfite nabugilira ukuli.

Rutabagisha nawe ashoborak kungilira nabi cyane kandi yarabigaragaje. Uwantumiye ngo niregure ntampe ijambo ngo ngaragaze ibyanjye ntiyabura kungambanira ngo mpite. Ikindi arakomeye muli Kibuye ku buryo ashobora gutera no mukazi nshinzwe akakangiza ataretse kuba yakoshya abangilira nabi.

Habyarimana Joseph afite abakozi benshi akagirant n'amafaranga. Uwatanze ayaha abajya guhamya mu Ikiko(Commissariat)abo yaregaga ko baba baramwibye intambi,ntiyabura kuyahereza uwamukuliraho umwanzi,kandi amafaranga ashonjwe n'abenshi muli iki gihe.

Nyakubahwa Bwana Secrétaire Exécutif National, mbagaragalije akarengane kanjye nkaba mbasaba rero ko mwanyumva kandi mukantabarura kuko icyo nzira ali inzangano z'Abakuru ba Parti muli iyi Préfecture.

Guhagalikwa umwaka wose nta débats zibaye,kutamenyeshwa niba mpagalitswe muli Parti cyangwa se mu buyobozi bwayo,kuvotesha décision idaturutse kuli débats,gúca urubanza uwo urucira atireguye, kwimwa décision ntuhabwe n'impamvu,byaba bibagaragaliza ukuntu twe bagufi tutórohewe.

Tugire Parti yaciye akarengane muli rubanda-rugufi M.D.R. PARMEHUTU na Prezida wayo Nyakubahwa Docteur G. KAYIBANDA.

MUNYANGABE Michel.-

Bureau Exécutif National
du
Mouvement Démocratique Républicain
PARMEHUTU
B.P. I9 GITARAMA RWANDA.

Gitarama, le 7 juillet 1970.

-----------

Département social: 07/
Département politique: 09/

Réf: 09/Ø5I/707
Objet:

Bimenyeshejwe:
-Nyakubahwa Prezida wa MDR PARMEHUTU i GITARAMA.-
-Bwana Préfet wa Préfecture ya KIBUYE.
-Bwana Secrétaire Régional wa KIBUYE.
-Juge-Président wa Tribinstance ya KIBUYE.
-Bourgmestre wa Komini GISHYITA.
-Inspecteur d'Arrondissement ku KIBUYE.
-Bwana J.Habyarimana Responsable wa GISHYITA.

Kuli Bwana MUNYANGABE M. Inspecteur wa Secteur ya Gitesi i GISHYITA.

Bwana Munyangabe,

Tumaze gusoma impapuro zawe zigenda zivuga ubugongane buli muli Komini ya Gishyita, zisobanura ibide biyilimo ali nabyo bituma ubugongane muli Komini bwarabaye akarande.

Tumaze kubona ko muli ibyo bice ufite icyo ulimo kandi icyo gice ulimo kikaba gituma ubwo bugongane uvuga butoroha.

Tumaze gusoma impapuro za bagenzi bawe Habyarimana J.na Gashakabuhake Bourgmestre urega;

Tumaze kureba twitonze raporo ya commission yoherejwe na Secrétariat Régional kwiga ibyanyu le 27-4-70 kugeza le 30-4-70;

Tumaze kwitegereza ibyo abakuru b'imilimo muli Kibuye bavuga kuli ubwo bugongane buli muli Komini ya Gishyita;

TUGUSABYE:

-Kureka ubutiliganya bushingiye ku muvundo utera mu Baparmehutu muli ako karere k'iwanyu.
-Gushaka uburyo wakumvikana na bagenzi bawe Bourgmestre GASHAKABUHAKE na HABYARIMANA J. mugakorera Parti mu nzira nyazo zizira ubuliganya n'amatiku atuma mutumvikana.
-Kwiyunga n'abarwanashyaka ba Parmehutu musopana bose!

AMAHORO.

Le Secrétaire Exécutif National
du M.D.R. Parmehutu

sé: MPAKANIYE Lazare.-

Pour copie certifiée sincère
et conforme à l'originale
MUNYANGABE Michel.-

Bisesero,le 22/12/68.

Bien cher Michel.

Grand et cordial bonjour.

Maze iminsi ngushaka sinkubone.
Hali byinshi nagushakiraga,aliko cyane cyane ni ukukumenyesha ko Mr GAFILIGI Athanase yakohererej 15.000Fr (Quinze mille francs Rwandais).

Maze rero tuzabonane le 25/12/68 mbigusobanulire neza.Nzumva Missa ya gatatu:de 10h à 12h.

Wasalamu mingi nyumbani.

Sé: HABYARIMANA Joseph.

Pour copie certifiée sincère et conforme à l'originale

Munyangabe Michel.-

[signature]

PREFECTURE DE KIBUYE
SECRETARIAT REGIONAL DU
M.D.R. PARMEHUTU
COMMISSION DU SECRETARIAT REGIONAL MULI GISHYITA YOHEREJWE
NA SECRETARIAT REGIONAL GUSUZUMA SITUATION YA GISHYITA GUHERA
LE 27/04/1970 KUGEZA KUWA KANE LE 30/04/1970.

---

Iyo komisiyo yagiye yitwaje urwandiko yahawe na Secrétariat Régional ruliho izi ngingo zagombaga gusuzumwa:
1-Kumenya ko ibyo MUNYANGABE Michel yanditse ali iby'ukuli cg ali ibinyoma.
2-Kumenya igituma Gishyita itagenda neza:kwirema mo ibice kwayo.
3-Kugenzura udindiza Parti muli abo bantu:MUNYANGABE Michel,HABYARIMANA J., GASHAKABUHAKE David,na HALINDINTWALI.
4-Kumenya ufatanije na Unar muli abo bantu uko ali bane.

ABALI BAGIZE IYO KOMISIYO:

Sebitabi Alphonse,Kabera Bernardin,Munyangeyo Gervais,Ndwaniye Alphonse na Rwabukwisi Jean.

ABABUZE MULI KOMISIYO:

MUNYANGEYO Gervais,yagaragaje impamvu kuwa gatatu le 29/04/1970 ko arwaye.
RWABUKWISI Jean yatumwe umuntu mu magambo ko yabuze imodoka.
Abagiye muli komisiyo bitoyemo,NDWANIYE Alphonse kuba Prézida na KABERA Bernardin kuba Rapporteur.

ITANGIRA RYA KOMISIYO:

Mbere yo gutangira Komisiyo,twabanje kwigira hamwe ingingo tugomba guhuliza hamwe tubaza abaturage b'iyo Komine,alizo izi:
I-Société y'ubwubatsi muli Bisesero.
2-Iterwa rya Bourgmestre GASHAKABUHAKE David.
3-Iyibwa ryo muli mine yo mu Bisesero.
4-Ubwumvikane no kwirema mo ibice bili mu Barwanashyaka bakomeye muli iyo Komine ya Gishyita.
5-Uko Unar imeze muli iyo Komine,Abaparmehutu baba bafatanije nayo.
6-Kureba umuntu ukurura inzangano muli abo bose,n'icyo babitekerezaho.

ICYITONDERWA:

I-Mbere yo gutangira kubatekerereza ibyo twasuzumye,turabamenyesha ko twahavunikiye cyane,kubera ubuke bwacu kandi dushaka kunononsora umulimo twatumwe.
2-Dufite impungenge ko abo twabajije bazakulikiranwa nkuko bagiye babigaragaza,urebye ni uko abazi ko bazavugwa muli iyo komisiyo bagiye badukulikirana aho tugiye kandi atali ngombwa.
3-Twiliaze kubaza abazwi muli;ibyo bice,kuko bamwe bali kuduhindura imbuzi kuli bamwe.
4-Dusanze ko tugenewe gutanga rapport nkuko Gishyita iteye,n'umwanzuro mu gitekerezo cyacu,nyuma Secrétariat igatanga umuti n'ibihano kubo izemezaho amakosa.
5-Dusabye abo Barwanashyaka bakuru ba Gishyita kutazatwikoma ndetse n'inkora mutima zabo kuko twakulikije icyo abaturage babo bagaragaje n'uko twabyiboneye tuhageze.
6-Tuhageze twaje kubona za Documents:Iya HABYARIMANA Joseph,iya NKIKKBAHIZI Justin n'iya GASHAKABUHAKE David zasangaga iya MUNYANGABE M.yerekanye le 26/04/1970.Turaza kuzisubiza ku iherezo.Turangije Komisiyo twabonye n'indi y'abaturage bo mu Bisesero 33.

AHO KOMISIYO YAGEZE:

Kuwa mbere ni mugoroba,mu Ryaruhanga na Gishyita.
Kuwa kabili ni kuli Cyanya na Karora.
Kuwa gatatu ni kuli Ngoma no ku mirenge yaho,dukomeza no mu karere ka Bisesero.
Kuwa kane le 30/04/1970 ku Mubuga muli Paroisse no mu giturage cyaho.
N.B.Kuwa kabili twabajije cyane cyane abali hafi y'imipaka y'iyo Komine ya Gishyita.

....../......

------ suite ----

IBYO DUTEKEREZA KUNZANDIKO ZA:Munyangabe Michel,Habyalimana J.
Nkikabahizi Justin,Gashakabuhake David n'uw'abaturage ba Bisesero.

---

N . B. Mu gusubiza izi nzandiko zabo,twabanje kuzisoma zose,nyuma tureba icyo baregana rusange,tugereranya n'ibyo abaturage babavugaho.

IYA MUNYANGABE Michel:

1º: Aho bavuga Unar muli Gishyita,nibyo koko,twanababonye kubatutsi twabajijje,ndetse na Ndutiye ubwe twarabonanye turabibona.

2º Aho avuga ibyerekeye Umulyango wo kubakirana batwererana,nibyo warahabaye,nyuma urahagarara,Ntiwameza ko bagemulira impunzi kuko twasanze no murindi mpande za Komine Gishyita hali bene iyo milyango.

3º Ibyo bavuga byo guterwa kwa Bourgmestre,twabibwiwe na benshi kandi banyuranije mu bisubizo,bitwereka ko bifurafurebye cyane wasanga ko Parquet aliyo yafindura iyo ngingo yo ibifitemo ubushobozi n'ubuhanga.

4º Ibyo avuga kw'iyibwa byo mu Bisesero mulimxxx mine,usanga ko nabyo bizakiranurwa n'abatangiye anketi yabyo.

5º Ibyo avuga kubugongane n'ubwanganyi,birahali kandi nawe babimuvugamo.Juge we babimutarukilizamo kubw'agasanzwe kabo gusa. Usanga ko yaba yarakabije mubyo yavugaga Habyalimana na Bourgmestre kuko atabahora ko biyumvikaniye ubwabo.

11. IYA HABYALIMANA Joseph:

1. Mu rwandiko rwe aho atangira avuga ko Munyangabe Michel yateguye abantu bo ku mirenge yabo yose,twagenzuye ko bitana bamwana,umwe afite igice undi icye ( reba urwandiko rw'Abanyabisesero banditse).
2. Aho avuga ko byakomotse mu itora ry'Abadepite,nibyo ntabeshya.
3. Aho avuga ko hali amabanga babanje kugirana,nibyo koko ntabeshya,kuko n' *abaturage babigaragaza.*
4. Aho avuga ko Munyangabe Michel atashakaga Gashonga,sibyo igice kininik kivuga ko Munyangabe Michel yamamazaga Gashonga Déo gusa
5. Kungingo ya gatatu n'iyakane ya Document ya Habyalimana,aho avuga ko ibys abatutsi bakururwa na Michel Munyangabe,barabisangiye kuko mubo twabajije,abatutsi batavugiye neza Habyalimana Joseph niba bake cyane,kandi mubavuze bagiye banavuga ko hali ababanje gutanga inka(Munyangabe Michel ni umukwe w'abatutsi,Habyalimana n'inshuti yabenshi mulibo).
6. Aho avuga ko Munyangabe Michel yohereje abiba intambi,nta jambo nalimwe twakwenderaho tubihamya,kereka haba haliho inyandiko cyangwa ababihamya bazwi n'abagenewe kugenzura ibyo.
7. Ibyerekeye ubufatanye n'ubusura xxxxxxxx bw'abali mu mahanga,kuko bali xxgobetsemoxx urushyingirane,dusanga byarabaye muli 1968;Komite local yagombaga kubisuzuma no kubiha umuti ikabikosora.
8. Ibyo avuga kuva Nº 1 kugeza Noya 3 y'urwandiko rwe;aho avuga imibereho ye n'imilimo yakoze ni ibyo ukuli.Aliko;hepfo aho aho avuga nta mukozi yigeze akoresha bangana,yalibeshye kuko ntawubura abanzi.Mubo yivugiye yakuye ku milomo ye nabo Munyangabe amuvugaho.Abo ni abanzi.
9. Ibyerekeye Société yo mu Bisesero,birumvikana kandi biragaragara ko yahatangiye,Munyangabe Michel akayishaka,Habyalimana nawe ntayemere, ibyo rero bombi balindagije Bourgmestre kuko bo bali babizi.
10. Aho yasabaga ko twateranya abarwanashyaka b'iyo Komine ya Gishyita,ngo tubabaze bali hamwe,twarabyanze kuko twashatse kwilinda kurundanya amajwi yerekeye kuli naka na naka,ibyo bizerekana ko bali bazi icyo balibukore.Twagiye tubaza abo tubona biyegamiye ukwabo muli izo nzangano zabo.
11. Kubyerekeye Rapport bashatse gutanga bakayinaniranwaho(Biro local,tubibagayeho bose kuko batumvikaniye mu milimo ireba Parti.Ubwo Biro ya batatu (à3 itali ihuje,Responsable yagombaga guteranya comité local ikumva iyo rapport kuko yali yerekeye komite yose,kandi mukatwandikira yagombaga kutwereka iyo rapport tukayishingira.
11. Iby'urwandiko Bwana Kagigira Innocent,umwana wa Munyangabe Michl,akaba n'umukozi wa Bwana Habyalimana Joseph kuv'icyo gihe kugezubu yandikiye Habyalimana Joseph(umwna wa Munyangabe muli Batisimu)akarwandikaxx le 30/06/1969,twararushindikinije kuko twanabonye orginal yarwo dusanga itamaze umwaka.Tumubajije icyatumye icyo gihe yakoreraga Habyalimana Joseph

............ /.............

tambbwire mu magambo kandi bali kumwe,adusubiza ko atamubonaga,kandi tukibaza icyatumye asinya kuli kopi ya le 28/4/70 kandi yarasinye ku rwandiko rwe rwa le 30/6/69.

3,- Iya Gashakabuhake David:

I-Urwandiko rwe ruvuga umwiryane uli muli Gishyita,koko urahali aliko tukibaza icituma byali bisanzwe na mbere ,komite lokali ntibe yarateranye ngo isuzume ibyo bintu,ndetse ngo inafatanye gutegura ibyo ngo ibyereke Secrétariat koko babimenyeshejwe kera kimwe n'andi ma Komine.(Umuntu umwe ntiyajyaga kuba yabuza comité gusuzuma ikicira Komine).

2-Ibyo avuga ku ngingo ya mbere kugeza kuya gatatu,twamaze kubivuga kuli Munyangabe ko yarengeje urugero mu byo yavuze aho ni koko.

I-Ingingo ya mbere turayemera,aliyo ivuga ku mpunzi kuko batumenyesheje ko uje wese Bourgmestre amushyikiliza ku butegetsi bakabona kugaruka muli Komine.

2-Ingingo ya kabili,aho avuga ko Munyangabe aliwe waremye amakipe ni koko, aliko ali Gashakabuhake na Habyarimana ali na Munyangabe M, buli hose hali amakipe ahishe mu baturage atagaragara.

3-Ku ngingo ya gatatu aho avuga ko yagerageje kumvisha abagize uwo muryango ko baciye mu ikosa kutabimumenyesha twasanze ali koko,nyamara twasanze bili hagati ya Habyarimana na Munyangabe bombi.

4-Ingingo ya kane yerekeye gusaba imbabazi,abo bagize Société yo twasanze atali ko byagenze aravuga ukuli.

5-Ingingo ya gatanu,yerekeye gufunga amaduka mu Bisesero,icyo yabivuzeho ni icy'ukuli kuko ibintu byabo bikilimo ndetse na bamwe batumvikana na Habyarimana bakihakorera,keretse ko Habyarimana yabujije abakozi be kujya kugulira muli ayo maduka.

6-Ingingo ya gatandatu yerekeye guterwa kwe,twavuze ko ivugwa ku buryo bubili izakiranurwa n'ababigenewe.

KU NGINGO ZE Z'UMWANZURO:

I-Aho avuga ko Munyangabe ashaka gutegeka Komine,ntakwiliye kugira ubwoba kuko niba Gashakabuhake ali kumwe n'abaturage n'abarwanashyaka,Munyangabe ntibyamubuza kubura amajwi nkuko yayabuze na mbere.

2-Iby'inka z'impunzi bali barabyirangilije,ntibyagombaga kuza muli Secrétariat kandi nabwo bali bakoze umulimo wabo w'ubutegetsi.

3-Ibyo avuga kuli nyirabukwe ko yali yarahunze ntibyabangabisha kuko yagize icyo abikoraho akamusubizayo.

4-Aho avuga ko Munyangabe amugandishiliza ntituhemera cyane,kuko igice kinini cy'abajyanama n'abarwanashyaka kitali kuli Munyangabe,aramutse abigize bakamwihaniliza mu nama ya Komine ntiyakongera.

5-Aho avuga ko Munyangabe yitegura kumwicisha,kubera ko nta muturage twumvanye iryo jambo,icyo kibazo kigomba inyandiko kikarekwa ubutabera.

6-Aho avuga ko Munyangabe agandisha abakozi ba Komine,ibyo ni ibya Bourgmestre,inama ya Komine ibishyikiliza Préfet.

4-Iya Nkiksbahizi Justin: yaduhaye ni nkuko twabisanze,ntacyo abeshyahoe gusa ni uko atanga umusozo aliwo mwanzuro kandi ali ntacyo twabimusabyeho nta n'uburenganzira abifitiye bwo gusaba ibihano bya bamwe mubo batumvikana, nicyo gituma tudasobanura ibyo yavuze byose kuli buli ngingo.

5-IY'ABATURAGE MIRONGO ITATU N'ABATATU(33)BO MU BISESERO:

Iyo nyandiko yazanywe n'umukozi wa Habyarimana,Komisiyo irangije akazi kayo ivuga ko Habyarimana ali umuntu abaturage n'abakozi bishimiye.Iyo document ntituyemera kuko italimo abaturage b'indi mirenge kandi ikaba ihuza n'iya Habyaraimana,ibyo bikaba byerekana ko na tampo bakoresheje bayihawe n'umwe mu bategetsi wali muli iyo nama.

N.B.Ibyo tuvuze kuli izi n zandiko kimwe n'ibili muli iyi document,Komisiyo yabihamilijwe n'abaturage 48,bo muli Komine Gishyita bali muli ibi bice uko bitandukanye:abacuruzi,abalimu,abahinzi,abarwanashyaka,abajyanama n'abaforomo.

....../......

UKO IBINTU BYIFASHE:IMVUGO Y'ABATURAGE TWABAJIJE MULI GISHYITA.

I-Ibyerekeye Société yo mu Bisesero.
Iby'iyo Société dusanga yarabayeho koko,kandi twasanze ali koko Habyaraimana Joseph ali we watumye idakomeza ngo igere igihe yamerwa.
Kandi abaturage baho mu Bisesero bali bayishimiye.

2-Ibyerekeye iterwa rya Bourgmestre.
Iryo terwa twailsanze ku buryo bubili nkuko abaturage baho babisobanura: igice kimwe kivuga ko cyumvise iryo terwa ryabaye kandi n'uwali aje gutera Bourgmestre agafatwa,akanahakomerekera.Ikindi kikavuga ko nacyo cyumvise ko atatewe,ahubwo byapolitikijwe kuko ngo Karebe yashutse uwitwa Bimenyimana akamugeza kwa Bourgmestre ngo bamufate.

3-Ibyerekeye iyibwa ryo mu Bisesero:
Iryo terwa ryo mu Bisesero naryo lilimo ibice bibili:bamwe bavuga ko hibwe mu buryo bwa kijura busanzwe,abandi bavuga ko hibwe mu buryo bwa kinyezamu.

4-Ibyerekeye ibice mu barwanashyaka muli Gishyita:
Bose muli Gishyita bemeza ko abarwanashyaka muli Gishyita batumvikanye.Mbere byatangiliye mu itorwa rya Nkikabahizi na Gashakabuhake.Kuli iyi nshuro byapfiliye mu itora rya Parti na mu itanga rya candidature y'abadepité kimwe no mu iryo yamamaza ry'Abadepite.Uko biremye mo ibice:Habyarimana Joseph na Gashakabuhake David bali mu gice cyabo.Naho Munyangabe Michel,Nkikabahizi Justin na Juge nabo bali mu gice cyabo.

5-Uko unar imeze muli iyo Komine ya Gishyita:
Bose bemeza ko unar ihakomeye cyane,usanga ko yiyubikije ibyo bice bili muli iyi Komnine ya Gishyita biryana,na Ndutiye ubwe yarabyigamgalije tumabajije asubiza ko igituma batamwemera ali uko yemewe yabarusha amajwi kucyo bakwamamaliza cyose muli iyo Komine.Nabaturage badatinyuka kuvuga nabi aba unar bidagaduye muli iyo Komine.

6-Ibyerekeye kumenya umurwanashyaka muli abo ufatanije na unar:
Abaturage batumenyesheje ko muli abo ntawe ufatanije na unar,nyuma unar igashaka guseserera muli ayo makimbirane ngo ikore umulimo wayo.

7-Ibyerekeye uhora asopanya Komine ya Gishyita muli abo:
Bose bavuga ko Habyarimana Joseph,aliwe uganza abo bandi,aliko bigashingira ku nzangano zikururwa n'ubusopane buturuka kuli ba bandi twavuze haruguru, maze ugasanga ubugaragazwamo ali Habyarimana Joseph.

Umwanzuro kubyo dutakereza kuli iyi Komisiyo muli Gishyita:

I-Inama ya Komine Gishyita ikwiliye gusubizaho société y'ubwifatanye mu kubaka muli Bisesero kuko igikorwa cyabo gifite akamaro.Aliko bamaze gutanga statut yerekena imikorere yabo.

2-Dusabye ko ubucamanza bubiganewe bugomba kurangiza vuba icyo bwabonye kubyerekeyeimiterwe ya Bourgmestre n'iyibwa ryo mu Bisesero kuko bukurura impungenge mu baturage no muli abo barwanashyaka babihinganira.

3-Dusabye Secrétariat Régional,gutora intumwa ya Parti ikajya muli iyo Komine, igateranya Comité local n'abakozi biyo Komine ikabiyama,ikababuza kwivanga mu bitabareba no gutera Nyanganira mu baturage.

4-Secrétariat Régional ikwiliye gusuhaka uko ijya muli Gishyita,igateranya abaturage bose,ikiyamira Unar ku mugaragaro kimwe na gatutsi wo muli iyo Komine wiseseka mu Barwanashyaka.

5-Secrétariat Régional,igomba kwemeza niba bilo lokali yaguma uko yali ili cyanga yaseswa,ikulikije amategeko ya Parti,imaze no kwemeza uwo isangana amafuti azakurura ubugongane mu barwanashyaka bandi bali bateragaragara mu buliho muli iyi minsi.

6-Dusabye ko Ubucamanza n'Ubutegetsi bukuru kwita kubyo Komisiyo ya mbere yavuze.

7-Dusabye Ubutegetsi bwa Perfégitura kugenzura Gashakabuhake David uko yakira abatali mu gice kye,atabikora mu buryo buhuje n'amategeko akabihanirwa.

8-Gusaba Bwana Nkikabahizi kutivanga mu bitamureba muli Komine.

9-Dusabye Secrétariat kutarangarana igihano izemeza kuli abo barwanashyaka uko ali batatu(Habyarimana J.,Gashakabuhake D.na Munyangabe Michel).

10-Dusabye Secrétariat Régional kutazatinda guterana ngo igire icyo yemeza kuli iyo Komine bitararambirana.

Bikorewe i Gishyita,le 30/04/1970.

Abagize Komisiyo muli Komine ya Gishyita,

NDWANIYE Alphonse ( sé )
SEBITABI Alphonse ( sé )
Kabera Bernardin ( sé )

Pour copie certifiée sincère et conforme à l'originale
Munyangabe Michel
(signature)

M.D.R. Parmehutu
Secrétariat Régional de Kibuye
Bureau local de Gishyita.-

Gishyita, le 23 mai 1970.

Bimenyeshejwe Bwana Préfet wa Préfecture ya
KIBUYE.

Kuli Banyakubahwa bagize Secrétariat Régional ya
K I B U Y E.

Banyakubahwa,

Mu ibarwa nabandikiye le 28 avril 1970 nabasabaga kumpa kopi y'ibyo Habyarimana yireguje kuko nalinzi ko adashobora kuyimpa kubera impamvu navuze.

Nyuma naje kubimenya mu buryo buziguye, nsanze aho kwiregura ahubwo yarandeze, nubwo iyo kopi nayimwe kandi akaba atali uwwambere, nsanze ali ngombwa kuboherereza ibyireguro byanjye kandi nkaba mbasaba kubyakira.

Hali uwifuza kumenya ikibiteye namubwira ko nifuje kubinyuza mu nzira iboneye nandika ibarwa navuze haruguru aliko nkaba narabyimwe.

Mbasezeyeho mbifuliza ishya n'ihirwe mu milimo mushinzwe.

Le Rapporteur Local du M.D.R. Parmehutu à Gishyita,

M U N Y A N G A B E Michel.-

M.D.R. Parmehutu
Secrétariat Régional de Kibuye
. Bureau local de Gishyita.-

Ibyireguro bya Bwana Responsable wa Komini Gishyita yiregura kubyo navugiye mu nama ya Parti yali yabereye i Rubengera le 26/4/70, nasanze bifite ukuli guke niyo mpamvu nifuje kubagaragaliza aho abeshya, aho yaba afite ukuli guke naho yenda yaba avuga ukuli kuko mu kuli; ni uhimba agira icyo ahimbiraho. Simvuga nkawe uvuga ko nareze ibinyoma kandi aho kunyomoza agatandukira akandega kandi yali afite igihe cyo kubigira ntabigire, ahubwo aho gusobanura ukuli navuze agatangira andega. Ikidatangaje ni uko yatangiye ahakana rwose yageza hagati akabyemera bidatinze noneho agatangira kubiha imvugo ye. Amatakirangoyi n'ubundi abaho kuba rero yarabigize ntawamugaya.

---

Habyalimana avuga ko mu gihe umuntu adatowe adashobora kuvuga ukuli. Iyo abivuga atyo rero aba agaragaza ko udatowe atavuga ukuli, nkuko rero nawe atabonye umwanya wo kuba Député, nawe nta kuli afite.
Avuga ko namunanije mu kazi, ko mubabotesha abantu, ibi rero biragaragaza ko ali amatakirangoyi, kuko iyo bijya kuba byo, aba yarabivuze kera, ntategereze kubigilira mu kwiregura ukuntu yishe abaturage.
Ko azi ko atali umugizi wa nabi, koko nakoshya abaturage ngo bazemeze ko ali mubi bakankundira, umuntu utaba muli iyi Komini, singire ubucuti na Bourgmestre ubwo abona ko nabitinyuka nte? Abo avuga nkwiza amayira mbigira ryali?
Ko azi atali umugizi wa nabi, ntabo yasinyishije ngo nibasinyire yuko bamukunda? Urukundo rulingingwa se? Aho ibyo avuga abandi bakoresheje bagatsindwa ntibyalimo ukuli ko bitangiye kumutera ubwoba?
Habyalimana mu kuli kose avuga ko namunanije mu milimo ashinzwe; uretse kumbeshyera nijye wamubwiye aho amaliye kubura amajwi ngo yirukane abakozi?
Ndabivuga mu ngingo zirambuye mu bikulikira; kuko adashaka kugaragaza ukuli.

---

ICYO YAREZWE: Arahakana ikirego yarezwe avuga ko ali ibinyoma kandi akavuga impamvu. Ubwo hali icyabiteye ntabwo bikili ibinyoma.

AHO BYATURUTSE:

Kwiyamamaliza ubudepite:

Aho avuga nabatumiye mu rudahandwa arabeshya kuko mfite iwanjye kandi hafi yaho mba narabagiyanye iwanjye iyo mbatumira. Ni rendez-vous twali twahanye twese ngo dusuzume uko Komini imeze, kubera ko bo bali bafite imodoka mbasaba ko twahulira hafi, barabimpa, niko kuhahulira. Ibya situation ya Commune birangiye tuvuga abaziyamamaza buli wese tukamuvugaho ikintu, uko byanditse koko niko nabivuze.
Avuze ko nawe aziyamamaza, namubwiye ibyo numvaga nkuko nabimwandikiye mu baruwa yanjye yo kuwa 9/10/69.
Kuli le 20/5/69, uko twavuze ni uko nabimubwiye muli baruwa yanjye yo kuli le 8/10/69 kandi nawe yarabyemeye kuko ntacyo yabivuzeho.
Naho ibyo avuga ko navuze ku bakandida yanditse arambeshyera, kuko bigaragara ko yivugira icyo yifuza kugira ngo ampambe mbona.
Koko hali Umuparmehutu wavuga ibyo yanditse, nyuma y'ukwezi hakaba inama ya Secrétariat Régional ibyo ali we ali na Bourgmestre ntibababimvugeho kandi bombi ali ba membres ba Secrétariat Régional koko hali umuziro urenze kuba uko bamvuga?

Umugore wanjye ni umukobwa w'impunzi yitwa GASAMUNYIGA:

Uko bimeze: Umugore wanjye ni imfubyi kuli se no kuli nyina. Aho ananiraniwe na mukuru we witwa Mukangoga Asteriya, muka Sembwa wahoze ali S/Chef kuli Ntanga mu Itabire, agahungira mu Bisesero, akanagira isano n'umugore wa HABYALIMANA Joseph, kuko Habyalimana aho ananiraniwe n'uwisezerano yashatse umututsikazi, akaba yaranahaye Habyalimana inka yo kubigaragaza, ndibaza igituma murumuna w'uwo Mukangoga, uyu akaba asangiye se n'umugore wanjye aba mwene Gasamunyiga wahungiye i Kongo aho kuba murumuna wa Mukangoga wahungiye mu Bisesero. Umugore wanjye yirwanyeho, afashwa n'Abafurere bo mu Birambo yiga Primaire na Secondaire, umugabo ni Frère Cyrille niba agihali simbizi. Aho abatilijwe abyarwa na Mukagasamunyiga ugira nawe isano na muka Habyalimana. Ubundi aho umugore wanjye akomoka ni muli Komini Gitesi. Uba mu Bisesero ni mukuru we bananiranywe. Aho Gasamunyiga ahungiye, uwo mukobwa yanze kujyana nabo asigara mu Babikira bo ku Mubuga, kuko uretse kuhaba ntibali bahuje amatwara naho iyo bijya kuba nkuko Habyalimana abivuga ntibaba baramusize. Nkuko afite Certificat ya Menajeli, Abapadili bamuhaye kwigisha muli Primaire muli 1963. .../...

Aba umwalimukazi kuva muli septembre 63,muli 65 ndamurambagiza, murongora muli 66 ntawe mpishe,birasanzwe umuntu arongora uwo ashatse kandi ntiyanangiliye inama ngo nimureke ahubwo n'umunsi murongora uretse kuntabira ubukwe yantwerereye n'ikaziye ya byeli.Sinamusabye Gasamunyiga,namusabye aho yali ali kandi urebye neza iyo Gasamunyiga ajya kumugiraho uruhare,ntaba yaramusize.

Inka Habyalimana avuga ko narazwe na Gasamunyiga: Kuvuga ko umugore wanjye afite urwandiko rw'uko arazwe inka za Gasamunyiga nkaba ntaruzi ndi umugabo we,ubwo ahali niwe urufite azarwerekane,yerekane n'aho izo nka zili kuko atandaga inka atandangiye n'aho zili.

Muwa 68 nashatse gucyura izo nka ntinya ko bizamenyekana we yabibwiwe n'iki?Yakoze iki ko wumva nicecekeye?Aho amenyeye ko zimwe zili kwa mwalimu wa gatigisimu witwa Ntizingingirwa André,zikavamo n'inya na ifite amasununu umugore wanjye yatahanye muli 66 mu kwa mbere, ko yali ahali,bikaba bigejeje muli 70,hagati aho kuki atabivuze kandi ka tuzikamana ku mugaragaro.

Yabibuliye inzira kubera ko hali mwene wabo wa Ntizingingirwa witwa Nyilinkindi wamuhaye inka akaba ali nacyo cyatumye yanga gutanga abahamya Ntizingingirwa ya mpunzi yo kuli 15/1/69,kuko Ntizingingirwa ali inshuti ye bikomeye,maze yatinya ko impunzi yaje gusura inshuti ya ntabitubwire agahimba ya mayeli navuze kuli le 26/4/70 mu nama.

Kuki none atiyunze n'iyo miryango yose kubera yenda ahanini izo nka ahabwa,atabivuze bikamara igihe kingana gitya cyose.Abonye avuzweho ibyo yangiza,nawe atangira kwangiza abandi.Kuki kuva aho batandukaniye n'uwo Ntizingingirwa ko yali yatubwiye ko batazongera kubana, yamumenyeho ibyo bintu ntamuturegere.Ubu se abitewe n'uko namuvuze, noneho akamunyerekezaho ngo ~~akaaye~~ kugira ngo ahamye ububi bwanjye. Izindi nka nagiye nimura,ko aho nazimuliye atahayobewe,kuki atazira nga,ngo Komini izifate none ali Umuparmehutu ufitiye Komini akamaro. Aliko data abo bene wabo n'umugore wanjye ampata none bili mu kuli, bananiwe kumpa jye wabarongoreye umukobwa,maze hahabwa Habyalimana, ubwo uretse kumbeshyera izo nka,yabishyize ahagaragara,izo nka zikagaragara dutunganye n'abo basesero,kuko niba umugore wanjye ali murumuna wa Mukangoga navuze kandi uyu akaba afitanye isano na Muka Habyalimana,izo nka niba ziliyo turazitunganye gusa nanjye ndifuza ko zagaragara kuko yazinyishaho.

Le 27/8/69: Ibyo avuga yambwiye arabeshya kuko ibyo twavuganye ali ibyo namwandikiye kuli le 9/10/69 kandi atavuruje mu byo yashubije le 15/10/69.

Iza rya Mabukwe: Le 14/3/69 nibwo Habyalimana yagiye ku Gisenyi yitabye abasoresha amangazini ba Finances.Yali ajyanywe kandi no kureba ko,koko Nkikabahizi yafatiwe ku Gisenyi,apakira ibyo muramu we yibye mu iposita. Yamvanye mu Gataka angeza ku Kibuye kandi mubwira ko mfite programe chargé ya samedi le 15/3/69;ko ntazi rero igihe tuzabonanira ngo ampe amakuru ye ya Gisenyi.

Ageze kuli Congo-Nil ahahulira n'iyo mpunzi ije muli Komini abereye Responsable,bararamukanya ndetse amusengerera na byeli,amubwira ko Gishyita igendwa n'impunzi,ko gusa agomba kwiyereka umujyanama,ntagire ahandi ajya batabonanye.Nkuko Habyalimana yali azi aho yajyaga (kwa Nyilihuku)akanamenya ko Nkikabahizi ali i Kigali,ndetse atanayobewe na programme yanjye kuko impunzi yagiwe iwe yayicikishije itagaragaye,ashaka ko nanjye nagira igisare cy'impunzi.Nkuko iyo mpunzi yali yaraye i Rubengera yageze i Gishyita le 15/3/69.Uwo munsi naje gutaha ngera iwanjye mu masaha mbili n'igice y'ijoro, mpasanga impunzi noherereje na Habyalimana.Sinabonye imbaraga zo kujya inyuma yayo muli iryo joro bukeye le 16/3/69 ijya aho yajyaga kandi yali yanagiye ubwo yaherukaga kuza.Uwo munsi nyuma ya Misa nkuru nabimenyesheje Responsable Habyalimana ko impunzi yaraye iwanjye,ko uyicumbikiye uhereye uwo munsi ali Nyilihuku,ko yaraye iwanjye kubera ubutegetsi mpagaraliye.Nasanze rero abizi kundusha kuko yambwiye uburyo bashyikiranye akanambwira ko uwamuzanye ali Responsable w'i Mabanza witwa Rwabukwisi Jean.Namusabye ko twajyana i Gishyita nkamenyesha Bourgmestre ko impunzi noherereje na Habyalimana yaraye iwanjye,atujyanana na Nyilihuku wali ugiye kumenyesha ubutegetsi ko acumbikiye impunzi ifite ibyangombwa.

... / ...

Tugeze i Gishyita dusanga Bourgmestre adahali ati:nzabimukubwilira ejo. Nyilihuku azohereze iyo mpunzi izakoreshwe anketi. Umugore w'uwo Nyilihuku niwe wamushyikilije ubutegetsi bukeye.Habyalimana nk'uko yali yabivuze yali ahali yafatanyije na Bourgmestre gukoresha anketi iyo mpunzi.Bamaze kubisuzuma,bamutegeka kugenda,le 18/3/69 yazindutse agenda kukoibyo babimubwiye le 17/3/69.Ibyo avuga ngo nananiwe gusubiza iby'iyo mpunzi,arabeshya cyane,ntacyo bambajije nta n'ubwo banyandikiye rwose. Uwandikiwe numvise n'uwali uyicumbikiye,naho ubundi iwanjye yaharajwe n'itegeko rya Habyalimana.Icyo ntahakana ni uko iyo mpunzi itali kugera iwanjye kuko umugore wanjye ali umwana wayo mu batisimu.Sinashobora kujya inyuma y'impunzi muli iryo joro,namuraranye mu izina ry'ubutegetsi kandi maze gusuzuma ibyangombwa bye.

__Icyo nzira:__ Impunzi zakomeje kuza muli Komini ya Gishyita,noneho tugira inama ya Komite Lokali le 3/2/69.Twasezeranye ko Umurwanashyaka wese uzajya ahura n'impunzi iyo aliyo yose azajya ayijujubya akayitesha umutwe, akayisubizayo igitaraganya ndetse itageze n'aho yajyaga,yaba ifite cyanga idafite ibyangombwa.Twasanze icyo gihe ali ukubera umurego muke w'Ubutegetsi bwa Komini ko ndetse n'Abarwanashyaka nta murego babishyiramo kuko ibyo bihagurukiwe,n'uwagenda(uwasubirayo) yabwira uwasigaye ko nta ho ajya bicika.Twanasanze ko n'uwanyuza abantu nkabo indi nzira ali ntacyo byatwara kuko batazwi.Ndakeka ko aliyo mpamvu yatumye amunyohereza kuko ubundi iyo ajya kumubwira ko Komini abereye Responsable itagendwa,iyo amugilira neza kubera jye,aba yaramushubijeyo cyangwa se akamuta aho,akaba abaye rero Umuparmehutu.Yarangeragezaga ubwo abonye ntinye nkuko nawe yatinye none dore abigize ikirego.Ubwo se ali jye nawe uwali ufite ubushobozi bwo kurengera Komini yacu agabanya umubare w'impunzi zinjira ni nde?

Habyalimana avuga ko iyo mpunzi kandi yaje muli 1966,alibeshya yaje muli 65 kandi mu nama ya Komite Lokali twakoze mu kwa 12/65 twarabivuze ahita agenda. Uwo yali agendereye n'ubundi niwe yali agendereye agarutse muli 69.

Ese uwo arangaya iki? Ntizingingirwa vuga utunze izo nka zanjye narazwe ni inshuti ye.Ni nayo yali yagenderewe na ya mpunzi bafatanije kurenza igasubirayo,yamurega akanga gutanga abamuhamya ngo adasenya imiryango.

Hali ibyo impunzi hakaba n'ibyo zatanze mbere yo guhunga.

Gasamunyiga yahaye umugore wanjye akili umukobwa inka ayiragiza Ntizingingirwa,iyo nka yamenyeshejwe Ubutegetsi,yasorewe nawe,ya nyana y'amasununu Habyalimana avuga niho yaturutse.Iyo ndayizi rwose. Izindi avuga azazigaragaze rwose,ndabyifuza cyane nanjye.

Iby'iyo mpunzi Habyalimana avuga nabimenyesheje Ubutegetsi bwa Prefegitura mu mvugo,Sous-Préfet MULINDA yabibera umugabo.Nabimenyesheje Ubutegetsi bwa Parti mu nama ya Secrétariat Régional yabaye hagati ya le 18/3/69 na le 20/6/69 nabimenyesheje Bwana Secrétaire Régional ambwira ko na Habyalimana yabimubwiye.

__Sabotaje avuga:__ Sabotaje igaragara avuga ko nayitangiye le 27/8/69,aliko kugeza le 26/4/70 ntacyo yavuze,ibyo birerekana ibinyoma bye.

Umuntu witwa Kajonge yavuze ko yibye gasegereti ya kilo 376 akaba licencié,ubwo abo numva bafungirwa gasegereti baba bibye ili hejuru ya kilo 376?None avuga ukuli aho gufungisha uwo yamwirukaniye iki? Aha se ntibyerekana ibyo navuze muli raporo yanjye! Avuga ko ubujura bwatangiye kuli le 28/8/69,abo baciliye gasegereti ga mu kwa mbere 69 yarababeshyeraga se?(voir mon rapport du 26/4/70).

__Société:__ Avuga ko naniyobeje.Kuki atayigaruye mu nzira nziza ahubwo akajya kurega abo bantu? Avuga ko inama ali jye wayiremeshaga na programu zikaba izanjye azazane gihamya. Kuki iyo sabotaje yabonetse ntibabivuge none bavuga ukuli?

__Koshya abakozi kumwiba:__ Kuva muli 66 rero na mbere nta gihe ntumvise Habyalimana adataka ubujura bwa gasegereti kugeza ubu.Avuga ko ibyo byatangiranye n'italiki ya 28/8/69,mbere se yarabeshyaga ntibamwibaga?

Rendement avuga yagabanuwe n'iki?Aho amaliye kubulira amajwi,yashinze mu bakozi be abirukana hasigara ngerere,ndetse n'ibisimu bimwe birafungwa.Ubu se umusaruro w'abantu igihumbi ushobora kuzangana ute n'uwo abantu magana abili? Aha ngaha ndibaza icyatumye Habyalimana amalira abantu mu nyururu,abaregera Parke kandi azi neza umutware wabo ntabe aliwe arega. Abafashwe,uwavuze ko mushyigikiye ni nde?

.../...

wo bafashe aki intumwa yanjye ni nde cg bakamusangana amafaranga yanjye? Arapfa kuvuga gusa, aliko ndamusaba ibimenyetso by'ibyo byose ambeshyera. Igitekerzo cyo gufunga ubucuruzi bibiramo Minétain ntawe utagishyigikira; twafunze amaduka yose, agezeyo afunga ayo abanzi be, ayo inshuti ze arayashyigikira, abwira bose kujya bagulira inshuti ye gusa. Ubwo yakulikije se icyifuzo cy'inama ya Komini? Ntiyaduculitse se? Ibyerekeye iby'urutambi, abacamanza barahali, ndabivuga nkawe.-

INAMA YO KUWA I5/I/69 YITA KO YABAYE LE I2/I/69.

· Ahakana ko nta mpunzi yaje kuko ngo iyo nama yali iyo kwiyama impunzi zaza. Bourgmestre yemera ko yavugaga ko yaje, nkuko nanjye mbizi. Ubwo se uvuga ukuli ni nde?

· Uwantumiye avuga ko yantumiye kimwe n'abandi. Bourgmestre avuga ko twali twabigiyeme inama. Uvuga se ukuli ni nde? Nabyumviye ahi kimwe n'abandi. Aho tubiyamiye koko ntabaje, iyo nama yagize akamaro. Icyo nerekanaga ni uko

icyatumye Habyarimana arwanya ya société ni uko abenshi bali muli société bali abanzi be. Nkerekana ko hali bamwe barezwe muli iyo nama abandi bakaba bene wabo babo barezwe. (voir mon rapport). Ubwo se iyo ntajya kuvuga iyo nama n'icyo yakorewe najyaga kwerekana nte iby'izo nzangano zibuza amajyambere Navuze ko kubera zo uwashyigikiye amajyambere ayimira.

Abaturage narabarenganuye rwose kuko babemereye noneho gukomeza wa muryango wabo, inama yabo aho bakomerewe ikaba yarebereye ku Mubuga le 3/5/70 bagasinyira statut yabo bashyikilije Ubutegetsi. Icyo ntazi ni uko Ubutegesti bwasinye. Rwose barakoze we na Bourgmestre ndabashimiye.

Avuga ko narwanije Parmehutu:

Narwanije Parmehutu none atabeshya ingororera imyanya yose yampaye? Ese ko avuga ko nali kandi nkaba nkili runali, aliko ntavuge imyanya nali mfite muli iryo shyaka ko kandi ntali uwo kuburamo umwanya. Umugabo ntanga ni abaturage b'iyo Komine, utaretse n'abali cyanga se abayoboraga iryo shyaka anshinja. Ubu se yubahilije ingingo ya I4 na I5 za statut du Parti.

Aho ntangilije amashuli nakoze akazi ko kwigisha. Aho dutangiliye kwisorera ubwacu kuko ubundi bafatanga taxe proffessionnelle nasoreye iwacu Komine Gisovu (Nyarutagara).

Muwa 60 niyandikishije mubagomba gutora kuli n° F23/552 uretse ko batoye ndahali kubera impamvu nza kuvuga. Ubwo se yabagiwe ko ishyaka anshira nalitashakakaga itora? Ubwo se nali gutora nde muli ryo? Kuli Kamarampaka natoreye muli Komine yacu, nasoreraga aliyo Nyarutagara (Gisovu). N° y'igitabo cy'itora: 705I. Icyo gihe nahagaraliye Parti Parmehutu ndi kumwe na Rutabagisha Amiel (Secrétaire Régional), Tharcisse Mujyambere, Nkubana, aho twatoye ye. Bourgmestre Sebabumbyi ni we wategekaga. Kuki se ntahagaraliye iryo Habyarimana avuga? Ntitwiliwe se uwo munsi turwana n'abarunali, kuki se ntabafashije abaparmehutu babazabyambyaga?

Mu mpera z'uwa 62 nibwo navuye ku Kibuye njya i Gishyita nubaka ku Mubuga ubwo noneho mba mbaye umuturage wa Gishyita.

Muwa 63 mu kwa munani aho Nkikabahizi abereye Bourgmestre nijye wamusimbuye kukazi ko kuyobora amashuli yali afite. Ubwo se ko Habyarimana yali umwe mu bajyanama ba Komine Gishyita kuki yemeye ko Runali afata uwo mwanya?

Muli juin 64, kubera ko akazi kanjye kagendaga neza sibwo mpawe Bourse ya stage nakoreye i Burayi. Ko se yali umujyanama wa Nkikabahizi wali Bourgmestre, Mpamo wali Préfet ku Kibuye akaba mubyara w'uwo Bourgmestre kuki atamubwiye ngo bambuze kujyayo, ngo iyo Bourse ifatwe n'umuparmehutu aho kuyifata ndi runali nkuko abivuga?

Aho ngarukiye muli mars 65, abaturage nawe alimo, sibwo bantoreye kubabera umurwanashyaka. Icyo gihe Habyarimana, afatanije na Nkikabahizi, bankoreye propagande yo gutorerwa kuba Rapporteur local. Kuva icyo gihe kugeza ubu ni jye Rapporteur local muli Komini ya Gishyita. Ubu se ndaportera Runari? Erega none ho ni ukuga ko Habyarimana ali Responsable wa runari i Gishyita kuko iteka nandika inama ya runali yatumije.

Erega ubu yemeje ibyo umuparmehutu witwa Kayihura Bernard yigeze kuvugira mu nama ya Secrétariat ko i Gishyita nta Parti ihaba. Muli juillet 1967 siniyamamalije ubujyanama se? Niyamamaje muli runali se? Ubu se ndi umujyanama wa runali? Ubwo se kuki yali azi ko ndi runali ntabimenyeshe abandi ba Parmehutu, (ingingo ya I4 na I5 du Parti), ngo banyiyamire kure.

..../....

Le 29/4/68 avuga ko nabonye ijwi limwe niyamamalije kuba Responsable.
Nali niyamamaje mu bBarwanashyaka ba Runali se?
Le 31/5/68 ubwo nyine Habyarimana abaye Trésorier Régional,sinali niyamamaje
niyamamaje hamwe n'abandi ba Parmehutu tuli I4.Uretse ko ntatowe se si nali niyamamaje mu ishyaka rya Parmehutu?Se ubwo we wigira Umuparmehutu akangira runali,Parmehutu yayimaliye iki?Kuva icyo gihe cyose azi uburunali bwanjye ntabuguge yabujijwe ni iki none atali ukubeshya?Ese ahò uwareba neza ntiyasanga ali we runali we ubona ikica Parti ntakivuge?Ese utali umuparmehutu ko agira imiziro ikagaragazwa igihe cy'itora,ubu aravuga ko ibyo byose byabaye nyuma ya le 20/6/69.
Uretse ko Habyarimana na Gashakabuhake ali inshuti za Préfet,kandi bakaba n'inshuti za Rutabagisha Amiel,abo bakaba barababajwe ni uko navuze ibibi inshuti zabo zikora bakaba nabo bashyigikiye ibyo abo bagabo bambeshyera ko ndi runali.
Le 20/6/69,sinatanze candidature y'ubudepite se?Sinayitanze mu ishyaka rya Parmehutu se,hali uwamvuzeho se imiziro,bose se abo si ba membres ba Secrétariat Régional?Ubu se ni ukubera ko ntatowe ko ntiyamamaje mu ishyaka rya Parmehutu?
Ubu se nka Bwana Responsable Habyarimana utaravuze ibyo byose kandi ali Responsable,koko umuntu umeze nkuko amvuga,ntaba afite imiziro yamucisha muli Parti uretse kuyiyamamazamo?Kuki atabivuze ali Umuparmehutu,ali Responsable none yabona ngaragaje ibyo akora akaba aliho abivuga.Kuki yasanze binyuranije n'amatwara ya Parti abereye umuyobozi ntabimenyeshe cyanga ngo antangire raporo ko we abifitiye uburenganzira,uretse jye yenda uzabizira n'ubwo nubahilije bwose ingingo ya II ya Statut.

Avuga ko nahungiye i Bukavu nkamarayo amezi abili:
Ubu se ko yamaze imyaka irenga icumi muli Kongo nawe yali yarahunze?Twembise ko twali impunzi,ubwo uwarugarutse mo mbere si we wafashije abo yasanze kwipakurura ubuhake?Koko wumva se jye nali nahungushijwe n'ubwoba we yali yahungishijwe ni iki?Koko,urebye ntazi icyakorwaga icyo gihe ni nayo mpamvu ibyinshi mu byo twanze igihe twakoraga révolution akibishyigikiye.Twashakaga kuzamura rubanda rugufi,aliko we ararubyinagaza,ndabivuga nyuma mu magambo arambuye.Ese koko narahunze?Aravuga ibyo atazi.Dore uko ibintu biteye:
Muli juillet I959,nagiye gusura Marume wakoraga muli IRSAC ya Lwiro,aliko inzira ikanyura i Bukavu.Uwo ni Ugirashebuja Joseph ukora muli Ministère de l'Intérieur et des Affaires judiciaires,icyo gihe nihoyakoraga.Ngeze yo nsanga ali hafi y'ibitaro bikomeye byitwa FOMULAC bili i GATANA,mpita njya kuhivuza imvune nali naravunikiye mu ishuli.Muganga yavuze ko imbavu zanjye zitameze neza,ambaza ko mfite igihe gihagije ngo amvure,mubwira ko ntacyo amashuli agiye gutangira,mubaza ko ntashobora kugaruka ubundi,aremera.
Mubajije igihe ambwira ko nka mezi atatu yaba ahagije.
Mu kwa gatandatu I960 nibwo nasubiyeyo,aliko maze kwiyandikisha tutaratora, kandi narushagaho kumererwa nabi.Ubwo nagezeyo ndavurwa,ngaruka mu kwa cyenda I960.Muby'ukuli sinahunze ahubwo nali nagiye kwivuza.
Abagabo: Abalimu twakoranaga,Ugirashebuja wanshumbikiye,abaturage, Nyakubahwa Ambassadeur w'u Rwanda mu Bubiligi,Bwana Munyaneza Augustin kuko nararaga iwe agikora kuli Rusizi mbere yo kuba Préfet i Cyangugu,undi ni Rihamye Juvénal,Agent Sanitaire ukora ku Kibuye twahuliye mu Bitaro bya FOMULAC i GATANA.
Ngubwo ubuhunzi bwanjye Bwana Habyarimana Joseph avuga.

Mukuru we GAFILIGI Athanase ni runali:
Kuvuga ko ali runali byo ni byo kandi ni jye wabimubwiye.Ndetse n'igihe nali i Burayi namugendeye kure,nko kuba naramazeyo amezi umunani,nkavayo tubonanye gatanu gusa ali mukuru wanjye ntibyoroshye rwose.
Ubwa mbere yadusanze i Bruxelles,ubundi Liège,aho yansanganye nabo twali twajyanye,nagiye kumusura i Louvain limwe gusa haraye hali bube ubunani bwa 65,ubundi namusanze aho yali arwaliye hafi ya Haselt.Ubwa nyuma yadusanze kuli Aérodrome i Bruxelles ajetugaruka aje kudusezeraho. Ibyo abagabo nabitangira ni abo twali kumwe muli stage,uli hafi ni Nyakubahwa Bwana Depite GASHUMBA Pierre w'i Byumba.
Habyarimana avuga ko mukuru wanjye ali runali,ko mbona we n'uwali Prezida Régional wa Runali amutwara mu modoka ye da!!!
Ko bafatanije gutukira Abaparmehutu mu nama za Komini Gishyita zabaye le I8/5/67 no kuli le 22/5/67(voir résolution n°07/KIB/67).

..../....

**...filigi avuga ko yagiye i Burayi ali impunzi:**

Icyo nzi ni uko yagezeyo agafatanya n'izindi ndunali kurwanya Parmehutu na Gouvernement yayo kandi atali abikwiye. Ko yafatanije nabo korganiza za manifestes anti-républicaines, ko naho arangilije yagize isoni zo gutahuka, agatinya benshi mubo baganye yilirwa atuka, ananiza, akanabona ko atabona uko anasaba imbabazi kuko avuga ko icyaha yakoze ali kinini, byanakubitiraho ko u Rwanda rudafite amafranga menshi, noneho akitwaza ko azabanza gukorera amafranga ngo yagwira akazakorera za démarches navuze haruguru.

Turandikirana, ni umuhutu wataye umurongo, nifuza ko yawugarukaho, ibisubizo yampaye ni ibyo mubona haruguru.

Aho ndasaba Responsable ko yandeba ku giti cyanjye, akareba ko nta umurongo, aliko ntanzize ko mukuru wanjye ali Runali. Icyo nifuza ni uko yagaruka mu murongo w'abahutu kandi nta wakwifuza ko umuhutu yashyigikira cyangwa se yaguma muli Runali.

**Gafiligi ali Professeur mu Birambo:**

Aha ngaha Bwana Responsable arabeshya cyane, rero ni ko kazi ke kuko adashobora kuvugisha ukuli. Gafiligi nta na limwe yigeze kuba Professeur mu Birambo. Muzikorere anketi nimusanga atabeshya muzampe igihano mushaka cyose aliko nawe nimusanga abeshya muzabigire ko.

**Inzandiko za Gafiligi:**

Habyalimana avuga ko azizi ndetse akaranga n'amataliki; nkubwo yazibonye ate ko yihakanira ko atamuzi? Ubu se nazijyanyeyo njya gusemuza ikinyarwanda n'igifransa ko tukizi twembi; igisuahili, uwandikaga akaba atakizi, ikilatini Habyalimana akaba atakizi, yazibonye ate? Keretse niba yarazibye mu Poste naho ubundi ntazo nzi. Icyakora ni uko afatanya ibintu, akabivanga hali icyo yanga kuvuga cy'ukuli muli ibyo.

Gafiligi yababajwe n'uko ababyeyi be bakili mu nzu y'ibyatsi, ambwira gufungura nº ya compte muli B.C.R. i Kigali, nsanga nta mafranga mfite. Mbaza Habyalimana Joseph niba nta compte ngo azayamunyuzeho ngo noneho nzayafateho igice nzayafunguze nº de compte ngo andi atangire akazi. Habyalimana yahise ambwira ko afite nº de compte mu Bubiligi ngo reka ampe nº yaho ngo azajye aba aliho ayohereza ngo nawe azajya ayampa nyuma Nasanze azayantwara, ndabyanga nti: ndifuza ko byaba i Kigali. Ubwo yahise ampa nº de Compte ye II45.

Le 6/12/1968 nibwo B.C.R. yamumenyesheje ko Gafiligi anyohereje amafranga 15.000 F.R. Ubwo rero ni rwo rwandiko rwandikiwe kuli GOMA na Gafiligi Athanase ali kwa Songa Didace. Ese ubundi uva i Bukavu iyo ahungutse ajya ku Mubuga anyura kuli GOMA la?

Urwa kabili avuga rwo kuli le 22/4/69 nabwo ni amafranga 25.000 F.R. Gafiligi yali yohereje. Urwo nirwo Gafiligi yandikiye i RUTSHURU. Iyi taliki yanditse ~~xikukxaxza~~ sinibuka neza niba aliho amafranga yaziye aliko bifitanye isano kuko yaje kabili kose kandi uwashaka kubinyomoza yajya kubireba muli B.C.R. compte nº II45.

Aha arabeshya iyo ajya kumbuza kwandikirana nawe ntaba yaremeye ko amafaranga ajya kubakira umukambwe we amunyuraho, ahubwo ni uko nanze yuko ajya kuli compte ye ili mu mahanga idafitiye akamaro igihugu cyacu. Iyo compte ili à l'étranger yayifashijwemo ni umuzungu wahoze akora muli Minétain witwa BERGER.

Icyakora Habyalimana yaje kumpemukira kuko kuli 40.000 F, yampaye 5.000 F muli janvier 1969 andi ndayahakirwa arayanyima ngo ntazayashakisha amajwi yaje kuyampa le 9/7/69 aho aboneye ndatowe. Yayampereye ku Mubuga yaje kureba we na Gashakabuhake aho abana bo muli 9è familiale bafata Certificats Le 11/7/69 nibwo nali i Kigali mvunjisha chèque, nafunguje compte yanjye nº 2801. Ibindi ndibubigarukeho nyuma.

Ubu koko iyo mubirebye, murasanga ali amajwi Responsable avuga ko ali yo dupfa koko? Ko se uwo Gafiligi ali Professeur abitwa LUDZI ho muli Congo ayo mataliki avuga hali aho ahuliye na za Vacances.

**Hali akarengane muli Minétain kwa Habyalimana:**

Ahubwo abantu barashize. Kuki batavuga se? Igisubizo: Bavugire he se?

Habyalimana avuga ko afite ibintu n'amafranga. Ko uwagira icyo akora yagurwa muli ibyo byose. Abakozi yababatesheje umutwe, umwana agasirota se, umubyeyi agasirota umwana, abavandimwe bagasirotana; raporo z'amazimwe ntigisubira iwe. Rero naho ngaragalije ibyo akora abwira abaturage ko ntaho nzavugira kuko ntaho nzagera kandi ni koko.

Avuga ko nta mafranga ngira, mfite duke aliko ntibiramo. Avuga ko nta modoka ngira kandi ko ntazi guhakwa nkawe. Ibyo byo ntabeshya. Avuga ko muli Préfecture ahafite Préfet na Commissaire kandi ko impyisi y'iwanyu ikurya ikumanura umwanda. Iryo tera-bwoba rero ryakuyemo abantu umutima abo akoresha ku buryo uwo aliwe wese amubona agapfukama.

... / ...

...ubanda rugufi yarabamaze abiba.Frode ya gasegererti urebye niwe uyishyigikiye,niwe mugaba w'abafroderi ni nawe wabyigishije.

...mpamvu:I-Habyarimana yatanze itegeko ko ali nka nusu y'ikilo igurwa,ayo ni amatabishi ye.

2-Umuturage aza kugura gasegereti,bakamukata ibilo,yagerageza kubyimbya amazuru,Habyarimana agatabara ati:ubwo bakubwira 8 cg 9 ukanga,nibakwandikire bibili kandi umuturage yali afite II cg se birenga.

3-Iyo bapimura iteka haboneka mo hafi imigabane itatu:muli yo umwe ukaba uwa Habyarimana.

4-Akata nabi kuburyo kubera ikosa lito,umukozi ashobora kubura umushahara w'ukwezi kose.

5-Iyo umuzamu asinziliye amutwikiraho imyambaro.

6-Akoresha cyane cyane abo akandamiza;badashobora kugira icyo bavuga ni yo mpamvu muli cadre de direction iwe hagwiliyemo abatutsi kuko umuhutu ugiyemo iyo abonye ibyo akora,akamwigana abigwamo ako kanya akamera aka ya mbwa yiganye inka...........

Murabaze icyo abanya-gatumba bene wabo na Habyarimana bazize.

Abyiba ate?

I-Minétain icyo ikeneye ni kilo zihanye n'amafaranga yohererezeje Joseph.

2-Habyarimana ategeka ko bamukatira ibilo ku baturage.

3-Hakorwa amalisti 2:-Iy'amahera ajya mu baturage igakorwa n'abakarani.
-Izerekwa Société ikorwa na Habyarimana.

4-Iy'amafaranga ajya mu baturage:Izina ry'umupaneri n'amafaranga agomba kubona.

5-Izerekwa Société:amafaranga uwo mupaneri yajyaga kubona iyo batamukata.Iyi listi ke ikorwa ipimura lirangiye hamaze kuboneka umubare w'ibilo byaguzwe none ho abaguliwe bakagenerwa ,bakandikirwa amafaranga bagombaga kubona. Nkuko rero iyo bapimura haboneka ibilo byinshi,amafaranga arenga kuyo babandikiye(abakarani),Habyarimana arayatwara.
Uwamukatiye ibilo byinshi amuha ka prime aliko nako katamukijije,utabigize we bakangana.

6-Ashyigikiye abafroderi:
Kubera kubakata ibilo byabo(abaturage-abapaneri) byatumye bafata igice kimwe bakagigura n'abafroderi (abatabiba),ikindi bakagishyira Habyarimana kugirango barebe uko baguma ku kazi.Aha ngaha rero urebye usanga rugbanda ruhagwa,kuko kubera iyo mpamvu,umukozi acika intege aho gusarulira uwo yasaruliye,agashaka nawe uko yakwiba.Ibyo byose angerekaho niwe ubitera. Aguliye abaturage atabibye ntacyatuma gasegeti zitaza.Nkubu se yafunze akazi,azazibona ate?

PLANS EBYELI AVUGA NAKOZE:

Urwandiko umwana wanjye wo mu Batisimu avuga yamwandikiye:

Urwo rwandiko sindwemera kuko uwanditse ali Habyalimana agasinyisha umukozi we,amwita umwana wanjye.

Kagigira uwo avuga yabwiye Habyalimana ngo amubyare azi ko ali umukristu, aramuhakanira,ansaba kumumubyalira.

Umunsi wo kubatizwa ugeze nanjye sinaboneka,nsaba uwitwa Sekabwa Alexis kumumbyalira.Umwana rero tumuteraniye tuli batatu,simwihakana mugihe yambera umwana nkuko Sekabwa na Habyalimana batabigira.

Aha,uwaba amufitiye akamaro cyane,amwubakira,amusabira umugeni,yamukoresha icyo ashaka.

Icyindi umuntu witwa Ntibanyendera wo mu Gisovu wahaye Habyalimana inka zirenga 2 ni Sekuru wuwo Kagigira Innoncent.

Ibyanditswe rero muli iliya baruwa ni Habyalimana wabyanditse abisinyishakuli kopi.Ibyo birerekana ko yahatiwe gusinya ali kuli l'orginal ali kuli ayo makopi kuko byose byakozwe uwo munsi n'ubwo bifitanye isano n'ibindi nzakuvuga .Aha rero yasanze atazabyemeza mugihe yabibazwa, niko kumusinyisha ku ngufu kuko ubu yabigize akamenyero.

Ikindi kibigaragaza:Kuli paragraphe ikulikirana n'iya nyuma yanditse ngo: Umva ninjyayo nzangana nawe,ntintajyayo kandi azi ko ali umubyeyi wanjye muli Batisimu,azandakalira,none se nzabigira nte?Ninjyayo sinsinye azanyandika mubo azafungisha,ect.... Ibyo byanditswe le 30/6/69 kandi yagombaga kuba ali iwanjye le 29/6/69. Ubwo ukuli kuli he?

Le 16/9/69 Habyalimana yavugiye ku iperu ko jyewe Munyangabe Michel navuye i Kigali le 13/7/69 nkaba narahaye Ministre Nzanana,liste y'abantu batagamukorera,liste avuga niyo se? Koko le 15/7/69 Ministre Nzanana yali iwe. Kagigira ahakana ko iyo liste atayisinye. Ko Ministre

... / ...

o. Ministre Nzanana yaba yarayibonye ntimwazamubaza niba yali isinye cg se ko itali isinye.Icyo yatereye contrat ni ukugonganisha n'abantu.
Yangonganishije na Bwana Député Rutabagisha Amiel mu itora,uyu ampigira hasi kubura hejuru,ntiyashirwa,amwandikisha ibintu bintukisha,amwoshya no kutampa kopi,ubu abonye bitamunyuze ati:reka muteranye na Ministre Gashonga.
Ibyo navuze le 13/7/69,mumenyesha ko ali Munyangabe wabigize.Aho ho ntiyibwire ko azabigenza nkuko Bwana Député Rutabagisha yabigenjeje.N'ubwo byarangiye bwose kunteranya na Ministre Nzanana kuko yavugiye ku iperu le 16/7/69 ko Nzanana yamweretse liste natanze y'abazamukorera ngo abafungishe,kandi yali iwe koko le 15/7/69 nawe yabivuga niba iyo liste yarayibonye.

RUTABAGISHA SECRETAIRE REGIONAL TWAPFUYE IKI?

Amasezerano twagiranye na Habyalimana Joseph kimwe na Gashakabuhake David yali ayazi.Uko yakomeje gupfa yali abizi,aliko akajyashyigikira mu cyayenge twahura ati:babantu baraguhemukira.
Aho menyeye ko Habyalimana aziyamamaliza,nahise musanga iwe i Rubengera,le 11/5/69,kumubwira ko ubwo Habyalimana agiye kwiyamamaza jye ngiye ~~kubireka~~ gukuraho candidature yanjye.Namubwiye ko igitumye mbimubwiye ali uko yali abizi ngo atazilirwa ambaza nyuma icyambujije.Yambwiye ko ntagomba gutinya gutanga candidature yanjye ko kandi azanshyigikira nkajya kuli liste.Yambwiyeko Habyalimana atazatuma yiyamamaza?Yambwiye ko azafatanya na Préfet kumubuza, yabananira bakazamwirukana,itora ntilizamusanga muli Kibuye.
Igihe cyo gushyira kuli liste cyageze agihali.Icyagaragaje koko nubwo byamunaniye rwose ko atamushakaga ni uko muli Komini ya Mwendo,Rutabagisha abereye Responsable,Habyalimana bafatanije Bureau Régional ataharengeje amajwi 6 ku bantu barenga 20 kandi i Gishyita Habyalimana yamukoreye. Jyewe rero wali wasezeranijwe kuzashyigikirwa,muli iyo Komini nta jwi na limwe nahabonye kandi icyo nifuzaga kwali ukutazagongana na Habyalimana,ndetse n'impamvu nali nazimweretse.Icyo cyizere nicyo cyatumye nemera kwiyamamaza. Ubwo buhemu bumuteye ubwoba,le 1 juillet 1969?ambwilira ku Kibuye ko mwicira amajwi, mubaza ubimubwira aramubura.Mubwira ko nuwabivuga atabura aho abihera kuko benshi bali bazi ko tubana nyuma muli Komini yabo simpabone n'ijwi na limwe, nibura ngo mbone irye gusa.
Le 21/7/69 mvuye i Muyunzwe mu bukwe bwa Mubyara wanjye,naraye i Rubengera.
Le 22/7/69 mu gitondo,njya kumusura noneho ambwira ko nihannye ntakimwicira amajwi,ati nubundi ni abaduteranyaga.
Le 28/8/69 duhuliye mu bukwe bwa Masozera Clément wo mu Ryabisine,yambwiye ko ngo bimeze neza ati: aliko abalimu bawe ntibanyumva.Nti:iyaba ali jye utakumvaga nibwo byali kumbabaza,nti naho ubundi se,urabona nakora iki? Ubwo yahise arakara,nibwo afatanije na Habyalimana,ku italiki ya 12/9/69 banyandikagaho ikintu cya kabutindi,maze bakinyimira kopi ngo niregure.Uwasinyeni Rutabagisha Icyo twapfuye nakibwiye Préfet itora rirangiye aliko ntiyabiboneye umuti.
Kuva ubwo kugeza ubu,umubano wanjye nabo wabaye muke kandi yaranabyivugiye mu nama yabaye le 11/5/70 iyobowe na Nyakubahwa Bwana Ministre de l'Intérieur et des Affaires Judiciaires ko ntagombaga gutanga iyo raporo mu gihe Responsable na Bourgmestre wa Komini batagize icyo babivugaho. Ni ubwo nubahilije bwose ingingo ya 11 ya Statut we ntabyumva kuko namuvugiye abantu.
Bashoboraga se kubyumva kandi bazi ko ibyo mvuga biberekeyeho. Préfet se we yali kunyumva ate kandi bahora bamunteranyaho? Ubwo se kubwira Secrétariat nicyo bagaya?
Ibyaho muli ya baruwa bavuga ko navuze ko Rutabagisha na Habyalimana batagomba ga gutorwa kuko ali ibinyamafuti aho barabeshya cyane.Nta mafuti bangiliye we na Rutabagisha batagomba gutorwa kuko ali abahemu,byo ntaho nali kubihungira kuko muby'ukuli bombi bampemukiye.
Iby'amadini yayivuzemo,muzabibaze Habyalimana kuko ikibazo cy'amadini kitabaga muli ~~Komini ya~~ Kibuye dore none kizanywe na Habyalimana,kuko icyo yitangiliye ali ugusopanya mu gihe rero Abaparmehutu bataramera nka abakozi be,ntashobora kuryama ngo asinzire.Nkuko Rutabagisha yabivuze le 11/5/70 ko ibyo atigeze abyumva,ko nta na limwe twabitangiye raporo nanjye niko nali mbizi,uretse ko Habyalimana yanyuze hirya akayitangira ashaka ko abakatolika n'abadventiste basa n'abanganya umubare muli Komini Gishyita basumirana.Inama ya Komine ikicamo ibice utaretse Komine yose.

IBY'ABAKOZI BA HABYALIMANA:

Iby'abakozi umuntu akoresha abo ashatse,bashobokanye.Kwandika ibyo yanditse si igitangaza,ni uko igihe bamuciye muli Parti le 12/11/67 aliko byali bimeze none nubu nkaba naratanze raporo aliko bikimeze,noneho akinjira muli wa mwana wacu akamuvugiramo kugira ngo hatazagira utekereza kureba icyo kibazo. ahubwo barampemukiye.Iyo rero Habyalimana ajya kwandika ko naba naravuze ko.

Habyalimana kwashaka kugonganisha abantu kandi si ubwambere no mu cyemezo
cyamuciye nº 07/KIB/67 ubwo busopanye babumuziho,uwo batabanye rero nubwo
impamvu zabaali ize bwose,agomba kumukomaniliza hose.
Ibyo avuga byo kugandisha Bisesero mubuza gutorwa sibyo rwose,kuko nkuko
aho hantu hatuwe n'abatutsi cyane, iyo njya kubabwira ngo ntibazamutore
kubera yuko yirukanye Mabukwe,ntibaba barumviye itegeko yabahaye lyo ku-
mutora wenyine,ngo abone amajwi 1402 aho ku Biro byo mu Bisesero,ngo umu-
kulikiye abone 662 kandi uwamukulikiye ni GASHONGA avuga ko niciye mu bat-
utsi.
NZANANA avuga ko nalinshoreyeyabaye uwa 3 agira amajwi 477. None atabeshya
kuki atakoreye uwo bafatanije amafuti nkuko yabyanditse akaba yarahabuze
amajwi kandi ali mugenzi we akaba uwa 4 akagira 432.

PLANS YA KABILI:

Avuga ko naremeshe inama y'abatutsi le 12/7/69. Arabeshya. (11/7/69)
Navuze haruguru ko yampaye amafranga yanjye le 9/7/69 aliho nagiye i
Kigali gufungura compte yanjye. Ubwo narayeyo abo twali kumwe mu masaha
ya ninjoro: Bwana Ministre Nzanana,Ex-Directeur Général à la Présidence
Bwana Gashonga Déogratias na Murakaza Elie.Samedi le 12/7/69 nibwo navuye-
yo ndara ku Kibuye. Dimanche le 13/7/69 nibwo nagiye ku Mubuga,
Inspecteur d'Arrondissement,Rutabagisha Melchior,yansanze mu nzira angeza
yo.Habyalimana nawe mutanzeho umugabo kukoduhuliye imbere ya Kliziya ya-
mbwiye ati:niyo ukiza?Nkamwemerera,tukazamukana kugera hafi y'umukindo uli
imbere y'inzu y'Abapadri ku Mubuga,tuli kumwe na Ndungutse na Gatali n'aba-
ndi ntibuka,akatubwira ko tugomba kumushakira amajwi ninaho yavugiye ibyo
yanditse ngo navuze kuli Gashonga.
Koko umuntu akoresha imama adahali?

COMMUSSION YA SECRETARIAT:

Avuga ko nali nyizi mbere nkaralika abantu,nkabakwiza amayira.Muby'ukuli nali
nzi ko azanzanira raporo yayihinduye nkayisinya,bigejeje le 24/4/70 ntara-
yibona mbona ko azayindegesha,nkuko yali asanzwe antaramana aho ajya hose
Niko nanjye gukora isa nayo ngo nambeshyera mubeshyuze.Le 26/4/70 mu gito-
ndo yansanze ku Kibuye,ntiyagira icyo ambwira,tuli i Rubengera ntiyagira
icyo ambwira kerekeye iyo raporo;agiye gutanga raporo ya Gishyita ntiyagi-
ra icyo abivugaho,nsanga iyo raporo ishobora kuba yatanzwe rwihishwa kandi
ikanankorera ishyano kuko ibyo agaragaje ubu, kuva aho amaliye kubulira
amajwi,ntagihe atabisobetse mu magambo aliko ntabigaragaze,kandi byali
bibabaje kuvuga ko ibintu bimeze neza kandi abantu bapfa.
Kuva le 20/4/70 kugeza le 27/4/70,xxxxx ntabwo nigeze ngera muli iyo
Komine kandi Komisiyo yavuzwe le 26/4/70.Ubwo uwageze le 27/4/70 ni
mugoroba n'abaharaye le 26 bakaharamukira le 27,abashyize abantu ku mayira
nibande?
Ese muby'ukuli hali icyo nahemutse nshinjwa uretse kuba naravuze ibintu
uko nabibonye?
Ese guciraubujiji iy Komisiyo ni ukuvuga ko igizwe n'abarunali nkanjye
yagize we,avuga ko ntacyiranganwa ukuli;Ese ibyo byoseavuga mbikora lyali
muli Gishyita kandi mba ku Kibuye?Komine Gisovu se yo nyigeramo nte?
Arabona abakozi bamaze kurambirwa ni byo abagilira agashaka kubinkubiraho

KUMENA AMABANGA Y'INAMA YA KOMINE:

Aha arabeshya rwose.Azazane abo nayameneye.Kuki aliwe,ali na Bourgmestre
ntawe ugaragaza iyo cyanga izo nama n'amatariki yazo n'abampamya none
atali ukubeshya.
Kuki atanyiyamye ngo agaragaze n'igihe nabigiliye nkananirana.
Avuga ko icyo mparanira ali ukumusimbura,ubuse nicyo gituma adakora akazi
ke neza?Urebye arabeshya pe.Azi ko mushoreye nshaka kumukura mu mwanya
yahagurukira akazi ke,ntiyakora amakosa rero kuko ataliyo agumisha umuntu
mu mwanya.
Ibi abiterwa n'ubuhemu yagize,naho jye icyo nifuza ni uko yatunganya akazi
ke,kandi uretse iyo raporo twagonganiyeho,ntabundi yigeze angaya kutamufa
sha ibintu.Barwanashyaka,Baparmehutu,sinarangiza ntabasbye kubonera
Komine Gishyita amahoro,umuti wali warabuze nimuyiwushakire aliko iyo
Komine ibe nk'izindi,ikurwe mu ijwi.Nimwe bacamanza bacu,ibyo iyo Komine
twabibashyize mu maboko,nimwe rero iteze amaso.

Mugire Parti ya Rubanda-rugufi M.D.R. Parmehutu na
Prezida wayo Grégoire KAYIBANDA.

Le Rapporteur local du M.D.R. Parmehutu à GISHYITA

MUNYANGABE Michel.-

[signature]

M.D.R. Parmehutu
Secrétariat Régional de Kibuye
Bureau local de Gishyita.-

Gishyita, le 23 mai 1970.

Bimenyeshejwe Bwana Préfet wa Préfecture ya
K I B U Y E.

Kuli Banyakubahwa bagize Secrétariat Régional ya
K I B U Y E.

Banyakubahwa,

Mu ibarwa nabandikiye le 28 avril 1970 nabasabaga kumpa kopi y'ibyo Bwana GASHAKABUHAKE yireguje kuko nali nzi ko adashobora kuyimpa kubera impamvu navuze.

Nyuma naje kubimenya mu buryo buziguye, nsanze aho kwiregura ahubwo yarandeze, nubwo iyo kopi nayimwe kandi akaba atali ubwambere, nasanze ali ngombwa kuboherereza ibyiregura byanjye kandi nkaba mbasaba kubyakira.

Hali uwifuza kumenya ikibiteye namubwira ko nifuje kubinyuza mu nzira iboneye nandika ibarwa navuze haruguru aliko nkaba narabyimwe.

Mbasezeyeho mbifuliza ishya n'ihirwe mu milimo mushinzwe.

Le Rapporteur local du M.D.R. Parmehutu à Gishyita,

MUNYANGABE Michel.-

Kubambira uburunali:

Avuga ko nshaka kubambira uburunali bwanjye ngo kuko nsanga byazavugwa mu iyamamaza litaha.Ko abinziho kuva kera none ali Umuparmehutukuki atabumvuzeho icyo gihe,niba se ali akimwe nanjye ubu aramvuga iki?
Ko ntacyo namuhishe se,we niyo ampisha nibura ntahishulira abandi!!
Abimenyese kuko navuze ko afatanije na Responsable kwica Komine!!Ibigwi byanjye byarekana ko ndi Umuparmehutu nabivuze mu magambo arambuye mu byo nireguye bya HABYARIMANA,mushobora kubireba yo.

Intego mfite:

I-Avuga ko intego yanjye ya mbere ali ukujya hagati y'amakipe ya Gishyita ngashinga iyanjye nkazatorwa.Ali NKIKABAHIZI na HALINDINTWALI baranyanze bampoye ko mbabwiza ukuli,mwese mwarampemukiye ,muranyanga,none ubu nsigaye jyenyine nkuko GASHAKABUHAKE abivuga.Iyo kipe nzayishinga nte?Ni Umutegetsi kandi aranyanga,ingabo ye yamfashije yayikuraho uwo munsi kandi simba muli iyo Komine iteka.Uretse ko navuze ko batangiye kwibagirwa we Responsable icyo barahiliye(kurengaanura abaturage),kuki batabiranze mbere.

2-Umujyanama atorwa n'imirenge yose ya Komine yiyamamazamo,umuturage wese uje amuganyira agomba kumwumva nkuko yumva uwo muli Secteur yagabiwe na Bourgmestre.Ubu se aranziza ko bashatse kwica abaturage ba Bisesero nkabavugira?Ese Société yabo baturage ntiyali yafunzwe?Ese ntibarezwe muli Commissariat de Police ku Kibuye?Ubuse ndazira ko navugiye abatutsi?Muli iyo Société nta bahutu balimo se?Ese yababajwe ni uko namutanze kuli Bisesero?Secteur nshinzwe se yumvise ko hali ibitameze neza?

3-Iyo Société yali ifite ibitabo yandikamo ibyo ikora byose.Nabimbwiye rero narababatse nsanze bafite programa nziza mbona icyo gitekerezo cyazasuzumwa. Ibyo rero nibyo yita kumugandishiliza aliko uwahuruje muli Prefegitura,ahuruliza ingabo ze kubintu atazi,ntacyo amuvugaho.

4-Ngo ni ngo nta nalimwe rero iba ukuli.

5-Ngo ni ngo.Umuntu uziko nsanzwe mena amabanga kuki yemeye gusshyigikira candidature yanjye mu matora yose yabaye tuli kumwe.Kuba Raporteri lokali kabili kose,aliko mena amabanga,nkaba ndi umujyanama kuva muli decembre1967 kugeza ubu aliko mena amabanga,kuki none atali ukubeshya atabigize mbere?
Kuki atandegeye bagenzi banjye b'ababajyanama ngo bampane none ali Umuparmehutu?

6-Ngo jye na bagenzi banjye tugamije....Aha ngaha ndibaza abo alibo kuko mu ntego zanjye yiyemerera ko ntawe dufatanije,uretse abaturage we na Responsable barenganya.Komine avuga ko mpiganira yo sinteze kuyiboba,uretse ko atakibuka impamvu navuze haruguru (Prefe na Secrétaire Régional).

7-Yewe Munyangabe ni kabutindi ye!!!Umuntu ugera muli Komine limwe mu kwezi aje mu nama ya Komine,agaha Comptable,Secrétaire,Policiers,Monitrices wa foyer,moniteur-agri, programu y'ukwezi,ikaba aliyo ikorwa gusa akazatanga indi agarutse,igafata,Umutware wa Komine ali he aho agaceceka,ibyo bikaba bimaze imyaka cyanga se amezi,maze uwo mukavuga ko ali Umutware!!Ibi koko si cya kinyoma cya Semuhanuka!Abakozi ba Komine ya Gishyita tumaze kwirukana benshi kandi tubaregewe na Bourgmestre.Ntawe nigeze nanga ko yirukanwa kandi nta numwe nigeze ntangira candidature.Abo ashatse nibo nemera.Mu gihe yagaragaza uwo nanze kandi yamwemeye cyanga se ashaka ko akurwa ku mulimo yaba noneho avuga ukuli.Muramubaze rero.Ahangaha abo yaba ajajabira nabasaba kumwumva, aliko ubundi nta kuli rwose kuli mu byo avuga.Iyo kujya kuhaba aba yarakuvuze mbere ntabigilire mu kwiregura ibyo navuze bahemukiraho abaturage.

Baparmehutu,mu byiza Ishyaka ryacu ryatuzaniye,ntakiruta kubona ikintu kitameze neza ukakivugira ku mugaragaro,Nubwo yenda bamwe bizaduhitana nkuko Nyakubahwa:Bwana Secrétaire Régional yavuze le 11/5/70 mu nama yali iyobowe na Nyakubahwa Bwana Ministre w'Ubugenga-gihugu n'Ubucamanza, ko mu gihe Responsable na Bourgmestre batagize icyo bavuga kubyerekeye Ubutegetsi na Parti muli Komine,ko uwaca iruhande yaba ali mu ikosa,Niyo nahita nabasaba kutazibagirwa vuba rubanda-rugufi no kutibagirwa vuba Révolution ya novembre icyo yali kandi nubu ikigamije.

Mugire PARMEHUTU na PREZIDA wayo Grégoire KAYIBANDA.

LE RAPPORTEUR LOCAL DU M.D.R. PARMEHUTU A GISHYITA,

MUNYANGABE Michel,-

[signature]

M.D.R. Parmehutu
Secrétariat Régional de Kibuye
Bureau local de Gishyita.-

Gishyita, le 25 avril 1970.

Bimenyeshejwe Bwana Préfet wa Préfecture ya K I B U Y E.-

Kuli Banyakubahwa bagize Secrétariat Régional ya K I B U Y E.-

Banyakubahwa,

Ibya Komini Gishyita ntawe utazi uko bimeze. Indwara yali isanganywe mutayobewe mwese noneho hiyongereye ho indi nako izindi, ni nayo mpamvu inteye kubibamenyesha.

Hali ubwo wibaza igihe nabereye Responsable kugira ngo ntange raporo ya Parti muli iyo Komini. Uretse ko ndi Rapporteur local niyo naba Umuparmehutu wiyumvisha ishyaka ntacyambuza kuyitanga. Ikibiteye ahanini ni uko kuwa mbere le 20/4/70 nali kumwe na Responsable wa Gishyita Habyarimana Joseph, akanyereka raporo yakoze nzakuvuga mu magambo avunaguye, nkamubwira ko ingingo zimwe na zimwe ntazemera, nkamusaba kuzihindura ntabikozwe, nasanze atali byiza gusinya iyo raporo mpitamo gukora isa nayo, nkavuga n'impamvu inteye kwifata, kuko uretse jye, mugenzi wanjye aliwe Collecteur local yabisinyiye.

Dore mu magambo avunaguye uko iyo raporo yali iteye:

1-Uburunali muli Gishyita:

Ibyerekeye Ndutiye Onesphore wahoze ali Président Régional wa Unar ndabivuga nkawe. Murebe raporo ye.

2-Société yavutse mu Bisesero:

Avuga ko mu Bisesero havutse Umuryango wo gutsinda nyakatsi ukaba ulimo abatusti kandi abenshi muli bo bakaba bafite bene wabo b'impunzi ko rero uwo muryango ali uwo gutanga ingemu zabo. Akomeza avuga ko yabajije bakamubwira ko uwo muryango watangiye mu kwezi kwa 12/69 ko kandi ababonye amafaranga ali abavuye muli nyakatsi. Ko kubera iyo mpamvu yemeza ko uwo muryango ali uwo kugemulira impunzi. Avuga ko twali twabiyamye bakabyumva none bakaba bongeye.

3-Ibyerekeye Ubutegetsi:

a-Iterwa rya Bourgmestre wa Gishyita: Avuga ko amabandi yikoze mu ijoro ryo kuwa 3/4/70 agatera Bourgmestre ashaka kumwica, akazana intambi zo kudinamita inzu ye ngo ashirane n'umuryango we aliko bagasanga yabiteguye. Arangiza avuga ko bili mu bucamanza kuko hali abafashwe.

b-Ibyerekeye intambi zibwe mu Bisesero: Avuga ko le 9/4/70 ikipi ya 2 y'ayo mabandi yateye mu Bisesero akiba za mèches, amasasu 194 na kilo 20 za barutiti. Avuga ko yatabaje ankete zikaba zikorwa. Ibyo nasanze bikomeye kuko hali aho nasanze hali ukuli guke ahandi arengera, uko namubwiye ko tubivuga akanga murabibona mubikulikira.

4-Ibyerekeye ibya mine nabyo inzira nifuzaga ko twabitangira raporo niyo muzakubona.

Nkuko Nyakubahwa Prezida avuga ko tugomba kwilinda inzangano no kudakora alizo dushingiyeho, nahisemo gutanga iyanjye raporo, kuko mbona atali byiza kunyuranya n'icyifuzo cya Prezida wa Parti dutangira nyine iyo raporo.

Mbasezeyeho mbifuliza ishya n'ihirwe mu milimo mushinzwe kandi nizeye ko mwakira neza iyo raporo.

Rapporteur local du M . D . R . Parmehutu à Gishyita,

MUNYANGABE Michel.-

[signature]

M.D.R.Parmehutu
Secrétariat Régional de Kibuye
Bureau local de Gishyita.-

IBYEREKEYE UMURYANGO WAVUTSE MU BISESERO RESPONSABLE AVUGA KO ALI UWO KUGEMULIRA IMPUNZI BENE WO BAKAVUGA KO ALI UWO GUTSINDA NYAKATSI.

Icyo mbizi ho: Uwo murenge ni Secteur ya Habyarimana akaba ali nawe Responsable wa Parti muli Komini yose ya Gishyita. Inama zose z'uwo muryango zabereye muli iyo Secteur uretse gusa imwe yabereye i Gishyita.

Le 7/12/69: Kuli iyo taliki niho inama ya mbere yabaye ibera ku witwa Kayenge utuye mu Bisesero iyobowe na Harinda Stanislas umurwanashyaka w'amajyambere y'ingo akaba n'umukozi wa Habyarimana. Yali aherekejwe na Secrétaire we Apollinaire wa Société yabo ili mu Rubazo.
Nyirugukorerwa société avuga ko intebe zatiwe kwa Habyarimana. Avuga ko yararalitse Habyarimana akamubwirako afite akazi kenshi ko aliko bashobora kubigira kuko ali byiza. Abagabo bavuga ko bumvise Kayenge aratlika Habyarimana muli uwo muryango ni: Bunyenzi(tutsi) na Rwabuzisoni(hutu) bikoreye urwo rubaho barujyana kwa Kayenge utaretse Hasabwa(hutu-umuboyi wa Habyarimana) warutanze. Iyo nama yabereye kwa Kayenge hafi yo kwa Habyarimana. Hali uwo munsi abantu 37. Abemeye uwo muryango 12 n'abanyamusanzu 25.
~~Lexx14/12/69xxInamaxyabereyexkuxKinigixkuxirembokwaxHabyarimanax~~
Abanyamuryango bamuhaye: 2400F; abanyamusanzu: 2230F. yabonye: 4630F.

Le 14/12/69: Inama yabereye ku Kinigi ku irembo kwa Habyarimana kandi ngo ibera hanze. Abemera uwo muryango barahateraniye ngo bashake amategeko azabagenga mu gihe bazaba bagwiliye kandi bazashyikiliza ubutegetsi.

Le 21/1 70: Ibyo byabaye kwa Sebuzindu i Gishyita. Abanyamuryango bali 15. Abanyamuryango batanze: 3020F-Abanyamusanzu batanze: ~~2295F~~ 870F ali 15. Yabonye: 3070F. Hali abantu: 30

Le 22/2/70: Inama yabereye kwa Kajonge ho mu Bisesero kwa Habyarimana. Abanyamuryango batanze: 3040F-Abanyamusanzu batanze: 2295F ali 30. yabanye: 5335F. Hali abantu 45.

Le 22/3/70: Inama yabereye kwa Kabanda ho mu Bisesero abanyamuryango biyongereye ho 5 baba 20. Abanyamuryango batanze: 4060F ali 20-Abanyamusanzu batanze 3175F ali 35: yabonye: 7235Fr. Hali abantu: 55

Uwo munsi nyine aho kwa Kabanda nibwo haje umwe mubashinzwe kubahiliza amahoro y'abaturage kandi yahamagawe na Habyarimana. Ntaburenganzira bali bafitebwo gukora ibintu nk'ibyo batabwiye umujyanama; yali abizi gusa ni uko yasanze uwo muryango ulimo abo banganye, abo yirukanye ku kazi, abatamwamamaje cyanga se abafitanye isano n'abo bose. Ubundi ni yo umuntu umwe yinjiye ku murenge ntihashira iminsi ine yose umujyanama cyanga se umurwanashyaka atarabimenya nkanswe inama z'abantu bangana batyo zabaye kuva mukwa 12/69 bikamenyekana mu kwa 3/70 kandi barazigiraga ku manywa atali ni ijoro. Ubwo se ni ukuvuga ko uwo murenge utagira umurwanashyaka cyanga Umujyanama? Nasanze ibyo bintu byakwitonderwa n'ubwo abo bantu batabinyujije mu nzira nziza. Impamvu rero nkuko nayibwiye Habyarimana ni uko ~~kuli~~ 11 kuli 20 bagize uwo muryango ali abanzi be. Iyo niyo mpamvu ya mbere yatumye nifata.

Dore icyo Habyarimana apfa nabo 11:

1-Kayenge: Habyarimana yashatse gufatisha uwitwa Mujyambere Athanase gasegereti yagendereye Kayenge, uyu abulira Mujyambere arahunga. Habyarimana yahise amuregera ibyegera bye, Kayenge atsindwa ni uko yabuliye umwanzi wa Habyarimana kandi bali basanzwe babana, atanamuyobewe. Yaciwe refu inzoga nibyo byegera. Mu gihe atarayitanga nibwo afatanwe gasegereti i Rubengera, arafungwa kandi ali nawe Président wa wa muryango. Kubera ubwo bujura bwe, Habyarimana yabonye uko aculika inama ya Komini ya Gishyita ayisaba ko yafunga ubucuruzi bwo mu Bisesero bibiramo Minétain. Iyo nzu yacurulizwagamo n'abantu bafitanye isano. Kayenge aho afunguliwe, nyuma yuko Préfet yanze icyemezo n'icyifuzo cy'inama ya Komini, Habyarimana yavuze ko nta mukozi we ugomba kugulira babandi balimo Kayenge ko ndetse nuwe wese n'ushaka kubana nawe atagomba guhahira yo. Iryo jambo rya Trésorier Régional, Responsable local, Magara-ntunsige na Bourgmestre ntawe ushobaora kulicaho kandi uwabigira yamuhitana si igitangaza hose arahali.
2-Mubiligi: Nyirarume wa Kayenge kandi afatanije nawe inzu y'ubucuruzi.
3-Kabanda: Kayenge afite mwishywa we kandi basangiye inzu y'ubucuruzi.
4-Buhigiro: Mwishywa wa Kayenge.
5-Kamugundu: Kayenge afite mwishywa we kandi Habyarimana yamuciliye ubujura bwa gasegereti muli janvier 1969.
6-Munyandinda: Mwishywa wa Kayenge.
7-Gakwaya: Umuhungu wa Nyirarume wa Kayenge.
8-Fundi: Kayenge ni se wabo.
9-Sebuzindu: Mukuru wa Kabanda kwa se Wabo.

..../....

-Sengabo: Yigeze kumukorera amukura ku kazi,amuziza ko ali inshuti ya Nkikabahizi kandi ntiyamwamamaje ngo abe Depite.
II-Kajonge: Yirukanwe nawe mu kazi bapfuye ko Habyarimana ashatse kumufatisha gesegereti,uyu akabimutsindira baburanira umuzungu. Ubwo yamurwaye inzika nyuma azakumwirukanira iyo mpamvu.

Impamvu ya kabili:

Habyarimana ni Umujyanama kandi ashinzwe uwo murenge utaretse Parti muli Komine yose. Ko ibyo bintu atali abiyobewe,ko nambere yo kuranga abo bantu yabwiye abakozi be ngo babivemo,kuki atabitumenyesheje mu nama za Komini twagize ahali ngo abitumenyeshe niba yali atarashoboye gutumiza inama ya Parti ngo ibisuzume. Kuki atabimenyesheje Bourgmestre mbere yo guhuruza muli Préfecture? Ubwo se twavuga ko yagiliye Ubutegetsi bwa Komini nezam mugutabaliza ibintu butazi,butananiwe? Mu gihe yahakana ko ataliwe watabaje byaba ali byiza cyane kuko ahali atagawa. Kubona umuturage abona ibintu nk'ibyo aho kubibwira Responsable cyanga Bourgmestre akihutira kubijyanam muli Préfecture, byaba bigaragaza ko iyo Komini itagira Bourgmestre na Responsable bizerwa.

Impamvu ya gatatu:
Habyarimana yadukikilije ibintu umutwe kandi we ubizi ntashaka kubitwereka neza ngo aduhe ibimenyetso bigaragara bifatika cyangwa se ngo abiturangire ngo twikulikiranire ibyo bintu niba abo bantu baramubereye urujijo. Abantu baducitse tutamenye neza igitekerezo cyabo. Uwo muryango,warahagalitswe,ntawe rero ugishoboye kumenya imikorere yawo kandi iyo tujya kubyitondera twarajyaga kubigeraho neza kuko icyo bali bitwaje ali ubufatanye Nyakubahwa Prezida wa Repubulika ahora asaba abaturage bose. Ubu se uwatanze amafaranga ye azayihorera? Ko se uwo muryango ali uwinyanga-mugayo nkuko amategeko yawo abivuga,ubu tuzamenya bazasubizanya ayo mafaranga bakomeza uwo muryango cyanga se bishyurana? Abo bantu bararezwe,ubu baraburana bavuga ko babeshyerwa kubyerekeye kugemulira impunzi; icyo bemera gusa ni uko bafashwe batarabimenyesha Bourmestre aliko ko bali mu nzira. Uwakwitwaza ko icyatumye yemeza ko ayo mafaranga yali ayo kugemulira impunzi kuko abayabonye bali basanganywe amazu yubatse navuga ko bidahagije kuko niba ali yo yali inama yabo,niyo bajya gutangilira kutarubaka byajyaga kuba kimwe ndetse icyo gihe bali kuba batulindagije kuko nibyaba bikekwa bitashoboraga gukekwa.

Impamvu ya kane:
Byose bikururwa na Habyarimana aliwe Responsable. Mbese nka Responsable utumira abantu ashako ko bamwunga n'inyenzi ali nazo mpunzi,aba ali Umuparmehutu? Le 15/1/69 Bwana Habyarimana yatumije inama iwe. Uwayanditse ni Gashakabuhake,Bourgmestre wa Komini ya Gishyita. Abajyanama,abarwanashyaka,abahutu,abatutsi,bose bali bayiralitswemo. Abajyanama bali bahali: Gashakabuhake David ali nawe wayanditse. Habyarimana Joseph ali nawe wayiyoboraga. Gakindi Gédéon-Sekabwa Alexis-Munyangabe M. Abarwanashyaka bali bahali: Buguranzira Marc-Sebagira Semi-na Nshamihigo wahoze ali Responsable kera akaba yali n'umujyanama wa Komini. Abagapita be ali abahutu ali abatutsi utaretse abaturage bayo moko yombi hamwe rero abo yaregaga ndabagombaga kubashinja. Mu birego rero yaregeraga iyo gacaca,hali abo yaregaga ko impunzi yaje ibagendereye ngo ntibabimumenyeshe kandi basanzwe babana ngo ndetse nawe abe yayiganiliza. Icyakora byafashe ubusa kuko Habyarimana yanze gutanga abahamya abo yaregaga impunzi ngo adasenya imiryango. Abo bantu rero babura gihamya batyo,Responsable astindwa atyo,kuko yabategekaga ngo nibemera bati nawe tanga gihamya,akanga. Ayo mayeli ntawe atayobeye kuko twaketse ko yaba yaraketse ko twazabimwuburaho akaduculika atyo. Koko ibintu nkibyo ni ibya gacaca? Mbere yo kubishyira muli iyo gacaca ntacyo yigeze atumenyesha,nta nama ya Parti yigeze abivugamo,nta raporo yigeze abitangira kugeza ubu,ahubwo yihutiye kunga na bamwe muli bo. Abashinze wa muryango rero bamwe babamo abandi ni bene wabo nabo barezwe impunzi icyo gihe.
Aha ngaha rero uwareba neza yasanga uwo Responsable yaba ashakaga guculika Abaparmehutu kuko abona ibintu ntabivuge ngo byigwe mbere,bikulikiranwe,abinyuze mu nama ya Parti cyanga se ya Komini,ahubwo akabijyamo aho avumbukiye yabona ko azabitahurwaho akavuza induru. Icyo aba ahugiyeho ni abanzi no kureba uburyo bafatwa n'iyo mitego ahora ateze.
Si icyo kibababaje gusa igitangaje,ni uko byose bisopanywa na Responsable afatanyije na Bourgmestre w'iyo Komini.

..../....

-Kubona Bourgmestre yemera kuba Umwanditsi wa yanama navuze haruguru byaba bigaragaza ko bashyigikiranye.
-Kubyerekeye ya Société,mu cyumweru hagati ya 22 na 29 mars 70 Bourgmestre yagiye gukorera inama mu Bisesero ya Société arayifunga avuga ko itazongera gukora.
-Ibyo imanza zabo aho bikomereye,yumvise abaturage bibaza icyo bazakora kuko ngo iyo bakoze icyo bababwiye baregwa,Bourgmestre asanga Responsable yaramuhemukiye akamuteranya n'ingabo ze. Icyo gihe ntiyibutse icyo Responsable yabareze ahubwo yihutiye kubatumira Officiellement ku tariki ya 21/4/1970 ngo bazaze ku biro bye bukeye le 22/4/70 mu gitondo. Abatumiwe ni Prezida Vice-Président na ba membres 2 ba wa mulyango.Batumiliwe gusabwa imbabazi na Bourgmestre. Abantu bashinze umulyango wo kugemulira impunzi,Bourgmestre abasabira imbabazi mu Biro bya Komini.Ese,barababaliwe koko?Umulyango waba wasubiyeho se? Ese yaguranye Responsable wa Komini abo bantu? Ese ni amayeli nk' ayo navuze haruguru ya Responsable? Ibyo ni ibyo gutegwa amaso!
-Iyo Komini imeze ityo ubu ngubu,murabona ibyayo bigiye kumera bite noneho?Yali isanganywe igisare cya Runari(UNAR),ifite umusonga w'ubugongane bw'amakipe abili ayobowe 1° na Bourgmestre 2° na Juge wa Kanto,ni iyo Politique nshya ihatangiye abaturage bazayifatamo bate?

**GISHYITA IBAYE ITE!!!**

**Iterwa rya Bourgmestre wa Gishyita:**

Mu ijoro ry'uwa gatanu (le 3/4/70),nibh induru zavuze muli Komini ngo Bourgmestre yatewe.Le 4/4/70 mu gitondo abamutabaliza bali bageze kuli Préfecture.Yaratabawe,ankete iracyakorwa.

**Bivugwa bite muli Komini:**

-Bamwe bavuga ko Bourgmestre yamenye ko azaterwa nyuma akiraliba. Aho bazaye bafata umwe arabarwanya,nyuma aza gukomereka,arara aho kwa Bourgmestre ahakurwa n'abaje gutabara uwo Bourgmestre.
-Abandi bavuga ko umuntu yaje kulimbura inzu ya Bourgmestre n'uruta. mbi,agafatwa.
-Abandi bavuga ko yali asanzwe ali umwanzi wa Bourgmestre n'ubwo ali mwene wabo bwose ndetse ngo yishe murumuna wa Bourgmestre wo kwa se wabo,bakibaza icyamujyanye yo bakakibura kuko ubundi bali basanzwe bangana.
-Abandi bavuga ngo yali aje kwica imbwa umuntu akazakulikiraho.
Urebye havugwa byinshi,bimwe mubyo numvise ni ibyo kandi Ubucamanza burahali.Ukuli kuzagaragara.

**Byishe iki muli Komini:**

-Iryo tera ryarapolitijwe,kuburyo bavuga ko ali ba batware ba ya makip navuze haruguru baba baterana.
-Ibyo birababaje kuko aho kuzana amahoro muli Komini birushaho kuyicamo ibice.
-Abaturage bababajwe ni uko uwafashwe yagiliwe nabi cyane nka bimwe bya kera.
-Bababajwe kandi ni uko bababwira kutihanira kandi bo bakihanira?
-Bababajwe ni uko bababwira ngo ntaho bavugira ngo ahubwo bazarebe.
-Bababajwe ni uko Abategetsi babagonganiraho,abatabigize bakabuzuliral
-Bababajwe ni kwitwa ngo:wowe uli uwa kanaka,nawe uli uwa kanaka.
Mu gihe abaturage bamerewe batyo,ntawavuga ko Parti imerewe neza.

**MU BISESERO HALIBWE:** Intambi,amasasu yazo byalibwe mu Bisesero.Le 9/4/70 nibwo induru yavuze kwa Habyarimana ngo yibwe.Yahise ahuruza,abo ahuruje bamutabarana ubwira,ankete zitangira ubwo,ukuli rero kuli mu nzira zo kumenyekana.

**Uko bivugwa muli Komini:**

-Habyarimana yaba yaramenye ko azibwa ahashyira Umuralilizi.Ngo mber ;ntawahararaga,haragenzurwaga gusa.Umuzamu yashyizweho ku cyumweru 5/4/70 hashize umunsi,umwe inshuti ye,Magara-ntunsige Bourgmestre we.Ku munsi hibwa,mu ijoro ry'uwa gatatu,le 8/4/70 yali yashyizwe umuzamu wa kabili.Mu minsi yakulikiye,habonetse bimwe mu byibwe.

**Byishe iki muli Komini:**

-Abaturage bali mu bulindagire.
-Indatana,Ibikomerezwa bya Gishyita byaratewe.
-Byatewe bikulikirana umwe bashaka kumudinamitira inzu ngo apfe,un bamwiba dynamite.
-Baliralira hato ngo ejo ibyo byibwe batazabitarurwho,kuko bavuga k uwibye ibintu abikeneye,nyuma y'igihe akabita ku gasozi,ashobora r

.../...

kubishyira mu nzu y'umuntu bugacya asakwa,umunyururu akawinjira.
-Abaturage bako karere nta mahoro bafite.

UBUJURA BWA GASEGERETI:

Ubwo bujura bumaze igihe,nta gihe Habyarimana adataka ngo ubujura bwakabije.
-Ntagihe badafatwa ndetse bagafungwa.
-Icyakora urebye neza,usanga hafatwa abo bita les intermédiaires.
-Ubusambo buli he?Buli se kuli abo bafatwa?Buli se kubacukura?Buli se ku bayunguruzi?
Urebye wasanga buli mu bakozi bakura cyanga se mu bayungurura gasegereti.Umuti rero washakirwa mu mpamvu zituma abo bakozi bafata igice bakagiha Minétain ikindi bakakigura nabo Habyarimana yita abafroderi kuko jye nabita abajura.
Aho haba hali ikintu kitagenda neza.Icyo kintu rero kugeza ubu kitaraboneka,kitaragaragara,gitumye abaturage bakena kandi mu gitaka hali ubukungu bwababakiza utaretse Igihugu.
Muli Komini Gishyita,ubu akazi karasa nagahagaze kandi impamvu ubwo ingana ururo.
Navuze haruguru ko les intermédiaires bazigura habo bakozi,aba se bo bazigura nande?
Aha ngaha za sociétés zicukura zali zikwiye kumvikana,bagafata umurongo nyakuli,bagafatanya,bagafashanya,bakalindirana,naho ubundi abaturage baragwa hagati yabo.

Uretse ibyo,ibindi bimeze neza abaturage bitaye kubuhinzi,services zili muli Komini zirakora neza,uretse gusa cya gihu navuze haruguru cyabuditse muli Komini Gishyita.

Mubishoboye,mwahaguruka mugatabara Komini Gishyita,naho ubundi Parti yaba igiye gucumbagira kuko abaturage ntamahoro bafite.

LE RAPPORTEUR LOCAL DU M.D.R. PARMEHUTU A GISHYITA,

MUNYANGABE Michel.-

(signature)

M.D.R.Parmehutu
Secrétariat Régional de Kibuye
Bureau local de Gishyita.-

Gishyita,le 28 avril 1970.

Bimenyeshejwe Bwana Préfet wa Préfecture
ya K I B U Y E.

Kuli Banyakubahwa bagize Secrétariat Régional
ya K I B U Y E.

Banyakubahwa,

Maze gutanga rapport ya Gishyita kuli 26/4/70 muhaye ijambo Bwana Responsable ngo yiregure yavuze ko ibyo byose byaturutse ku ishyali,ili likaba ngo ryaratangiye mu mwaka wa 1969, bigatuma mwandikira inzandiko zimutuka;nishimiye kubaha copie zizo nzandiko yavuze yiregura ngo murebe ibyo bitutsi namututse,aliko nkaba mbasaba ko mwabisuzumana umwete ndetse mukanadukiza.

Ndabamenyesha kandi ko mungihe yakwiregura ntampe copie byaba bigaragaza ko ambeshyera kuko jye nzi ko ali umwe mu bagize Secrétariat Régional nandikiye.Mugihe yaba atabigize,nasaba abagize Secrétariat Régional kumpa copie ndetse ni yo Bourgmestre yaba yalireguje.

Mbasezeyeho mbifuliza ishya n'ihirwe mu milimo mushyinzwe.

Le Rapporteur local de M.D.R.Parmehutu àGishyita,
MUNYANGABE Michel.-

C
O
P
I
E.

Bisesero, le 8 octobre 1969.-

Monsieur MUNYANGABE Michel,

Ndebye muli bibliothèque yanjye nsanga habuzemo ibitabo bimwe, nibuka ko le 13/9/67 wajyanye; CESAR na VRAI ou FAUX:
Noneubimhere uwo muntu ntumye.
(Niba atahagusanze bihe. Boyi A.)

Urakoze:

Habyalimana Joseph.
sé.

Pour copie certifiée sincère et conforme à l'original

MUNYANGABE Michel.-

Copie

Bisesero, le 15/10/1969.

Monsieur MUNYANGABE.Michel

Ndakuramutsa,

Muvandimwe nkunda,nsabye imbabazi kuko ntihutiye gusubiza ibarowa yawe yo kuli 9 octobre 1969 (ifite 3 pages). Imilimo yabaye myinshi mbura akanya ko kuyisubiza nitonze.Biragaragara ko wanyandikiye wabyitondeye,kuko utatinye kunyishima hejuru ngi sinatowe Ubudepite.

Ibyo ndabigeraho maze gusubiza mubyo nakwandikiye(nkeka ko utumvise neza niba kandi warabyumvise neza,waba umaze guta umurongo mu mubano w'abantu).Igitagakije ku bitabo twatililikanije muli 1967,mbitiruye muli 1969 bivuga iki? Nkwandikiye ko,ndebye mu bitabo byanjye ngasanga mburamo 2(nakubwiye amazi yabyo),ngusaba ikinyabupfura(aliko sinapfukamye)mvuga nti:muntirulire aliko sinavugaga ko ducanye tutazongera gutilililkanya ibyo umwe yagira undi atabifite.Uti ntiwantiruliye igitabo cyanjye mbere yo kwaka ibyawe.Natiruye ibyo bitabo mbikeneye,ntazi ko nawe ukeneye icyawe,byongeye ntamasezerano twagiranye yuko biguranywe.

Nongeye gusubira mu ijambo navuze haruguru mvuga nti:umaze guta umurongo mu mubano wacu.Umaze kubona baruwa yanjye yatiruraga ibyo bitabo:CESAR na VRAI ou FAUX" ,aho kunsobanulira ko CESAR haba hali uwo wayitije wizeye, none ukaba utagifite,utinya n'uko nawe yaba atakibitse cyarazimiye.Maze uburyarya bukoshya guhimba no kumbwira nabi ngo: Uzampe ibitabo byanjye ufite ubugira icigata,witengagiza ko ali kimwe wadutije"TRAITE D'ALGEBRE"gusa.

Wongeraho ngo,ibyo bitabo byanjye wagobaga kubyohereza kugirango ngutirulire ibyawe,ngo kandi ngusabye ukwezi kumwe nkagushakira igitabo cyawe cya CESAR,cyanga ukavuga ikiguzi cyacyo nkaguha amafranga yacyo.

Iyo ngingo kuko aliyo wavuze mbere,wabonye ko nzamenye ko kidahali kandi ubona ko ukubwira ukuli utakibiranganwa,uhitamo guhimba ibitabo byinci utantije(nkuko hano mbibona mw'ibaruwa yawe kuli alinéa ya 2) .

Ubu rero impuha n'ibinyoma umaze kubigira devise yawe.

Mugenzi wanjye,wabonye warafashijwe n'igihe(iyo cyageze ntansinzi),uti dore ngo ndakugusha ntutorwe,ibyo ukabyivuga.Mbese ubu uzakwira Préfectures zose uko ali 10 ko,hiyamamaje abarenga 300.Le 20 juin 1969 hagatorwa 94,le 27-28-9/69 abaturage bagatoramo 47,abandi 47 ndimo ntidutorwe,ali twe ali na bambere ulimo ko,uzi amajwi uwanyu yabonye ko ntanumwe muli twe uli hasi ya 15.000 voix,ko n'uwabonye 15 voix muli Komini 9 arya akaryama da.

Muvandimwe,uzi ukuntu wabanye muli byinshi.Ko nakwandikira amagambo atuzuye na page imwe ali ibitabo ntirura nizeye kuzongera kubigutiza maze ngo wegure ufate pages 3 zose unyishongoraho ngo sinatowe.Niyo waba uzi byose aliko utankunda,wareka ukazanyishongoraho wabonye narwaye ubworo bw'uko ntabaye Député.

Harya ngo nguhwaniye na Nkikabahizi??Ndatinya kukubwira ukuli ubwo usigaye mu makoni y'impuha n'ibinyoma,ukuli kwanjye wakwita ibitutsi.

Simbeshya impuha zawe usigaranye zaguteye kurondogora ukibagirwa nicyo wagombaga kuvuga?

Ko nguhwaniye na Nkikabahizi musigaye musangira(Le 31/8/69 n'andi matariki yakulikiye iwawe n'iwe). Ubwo nkurutirwa nande? Nkurutirwa nande? Abagabo wali ufite ko ali aho. Mbe iyo undekeyeho da,ko twese tuli ingabo za GASHAKABUHAKE,uretse ko ntazagenda aho nanzwe.Reka gukurura inzangano ntacyo zibyara.Impuha uherukire kuzo wavuze mbere yiyi baruwa,numara kuyibona ugaruke ku murongo.

Umwanzuro:Igitabo cyawe nfite ni kimwe ni ugishaka wongere untumeho nzacyohereza nta mapaka.Byongeye CESAR uzayohereza nyuma y'ukwezi nk'uko wabinsabye.

Twubake naho gusenya ntacyo bimara ntidukeneye amatongo.Dore nkubwiye bike ntayobewe byinci,kandi ntabuze n'impapuro zo kubyandikaho(3pages).

Mugire amahoro.

Habyalimana.Joseph. sé.

Pour copie certifiée sincère et conforme à l'originale.

MUNYANGABE Michel.-

[signature]

Mubuga, le 26 octobre 1969.

Monsieur Habyalimana Joseph,

Muvandimwe, kubera kutumva neza ibarwa yawe byatumye iyanjye nayo uyumva nabi, utangira usa nungira inama, ugejeje hageti uracyura, ujya kurangiza urangana, byose biba isupu.

Watangajwe ni uko nanditse 3 pages kuko wabivuze trois fois muli lettre yawe, aliko muby'ukuli n'ubwo wanditse 7/8 by'ipaje ntukeke ko wanditse bike. Nanditse 520 mots kuli 3 pages aliko wowe ni 520 kandi urupapuro ntirwashize. Aho wasize hashobora kujya 150 mots kandi ukabona aho usinya. Iyaba wankundiraga ngo uzabyandike n'intoke. Uvuga ko nanditse 3 pages, jyewe ndakumenyesha ko ibyawe bitashilira kuli 4 pages. Sinyature n'ibindi byafata iya gatanu.

Iby'ibitabo byo simbivugaho byinshi kuko utibuka ibyo wanditse nahereyeho ngusubiza. Kuko ibyo uvuga ngo nakwishongoyeho iyo mba ushaka kubigira mba narabigize mbere sintegereze kubigilira mugusubiza lettre yawe. Gusa nashatse kukwibutsa ahè ibintu byagiye bipfira na mbere mpereye kubyo wali umaze kunkorera unyaka ibitabo byawe igitaraganya, uvuga kouzanye urwandiko atabisiga kandi wali uzi uko l'atmosphère yali imeze. Ibyo nahise mbumva vuba nsanga manone ali ikindi gikosa ukoze ni ko kugishyira hamwe n'andi yose nkeka ko ubimenye byatuma ugaruka ku murongo wo kubanira abandi, ukabona ko nabo bashobora kubabara; kuko wowe ibyo ukora uzi ko bigomba gushimisha bose byanze bikunze, aliko wowe byaba binyuranije n'igitekerezo cyawe bikakubabaza cyane. Aho ujya wibuka ko abantu bose ali sensibles nkawe?

Kumama ibitabò byanjye ntacyo bitwaye, igihe uzashakira uzantirulire icyo wemera ko mfite? Ko se nta écrit yawe nfite ibyerekeye; uretse ko ubeshya ngo warebye muli bibliothèque ngo usanga habuzemo ibitabo byawe 2, mukutavuga ko warebye muli cya gikaye nanditsemo ko ngutwaye ibitabo 2 nzagusubiza. Icyawe rero ntawe nagitije, aho walibeshye cyane, narakibuze. Nakwatse ukwezi nizeye ko nzabona congé nkazajya kugishaka muli librairie nubu rero nzajya kugishaka nabonye congé, wowe rero uzi le prix ukayimbwira nkakwohereza amhera niba ugikeneye mbere yo kubona mon congé ntazi igihe nzabonera.

Halya ngo impuha n'ibinyoma nabigize devise yanjye. Iyo ujya kumpa ingero z'izo mpuha n'ibyo binyoma najyaga kumenya ko atali wowe wivuga. Ntabwo ali ukubera ko ntaho wanditse ko nguhaye ibitabo byange ko muby'ukuli utabifite. Rero ngo ukuli kwawe nakwita ibitutsi, kereka niba ali ntako ukigira naho ubundi guca muziko ntigushye da!! Erega ukuli ni inki mibare! 2 X 2= 4 nta na limwe bizaba 5. N'ukuli rero nikimwe. Iyo numvise nk'iryo bintera ubwoba cyane kubona umuntu wakwita ukuli ibitutsi. Sindageza aho rwose.

jambo

Watangiye lettre yawe uvuga ko atali byiza kuba narakwishongoyeho? Ibyo rero bikerekana ko utumvise neza ibyo nakwandikiye yenda byasubizaga ibyawe ntali numvise neza. Siniyumvisha rero kuba uli mukuru wanjye, ukaba warababajwe ni uko nakwishongoyeho ukabona ko atali umuco mwiza, nyuma nawe ukabigira ngo nahgwa nawe nibura wagiye hejuru ya 15000 voix, ngo jye (Michel) wabonye 15 voix muli Komini 9 zose ngo sindyama ngasinzira? Ese kuvuga ko ngo nagufashijwe n'iminsi; ngo iyo igihe cyageze nta nsinzi, hali ubwo nigeze mbasaba kwiyamamaliza kuba Député? Si wowe na Gashakabuhake mwavuze ko ali jye muzamamaza muli 1969 nkanga kubahemukira nkabyemera. Aho ubishakiye warabinsabye ndabikwima? None ubonye udatowe ni jye ubihinduliyeho byose. Ese ko uvuga ngo ndivuga ko nagukomesheje nkakubuza gutorwa, ko twese twiyamamaje, ubwa mbere sintorwe ugatorwa, nzemera ko ali wowe wankomesheje sintorwe nkuko wabyivuze? Ese ko ryarangiye ulikulikiranyeho iki? Hali n'ikindi cyantangaje, burya wiyamamalizaga ubudéputé kugirango utazakena? Nali nzi jye ko byose bishingiye ku ishyaka gusa, ibindi bikaba accessoires naho niko byali bimeze iwawe? Koko iyaba ibyo uvuga byali bifite ishingiro naba naraguhemukiye. Aliko kugeza ubu ntawe nzi wishwe n'uko atabaye Député, nizeye ko nawe uzabyihanganira kandi nanjye nzajya ngusabira.

Ikindi ngusabye wimpamya inzangano ntazo ngira. Iyo njya kuzigira simba naratanze agatimba (voile) yo gushyingira umukobwa wa muboyi nako wa muhungu wawe yarongoye kandi utantumiye kandi twali dusanzwe nako wali usanzwe untumira kuko jye nagutumiye kabili kose ntuze na limwe.

Icyantangaje ni uko wibutse abo mutabanaga abali ibyegera byawe ukabyibagirwa

... / ...

bagongana na bawe nyuma bakatugonganisha. Gashakabuhake yaba li mukagaga kuko yakorera umwe gusa muli twe keretse intebe zibaye enye. Ntiyakorera na Rutabagisha ngo areke Ministre ankorere. Yaba abeshye avuze ko yamureka akankorera kandi najye sinabyemera.
Ndemutse nkuyeho candidature yanjye naba mpemutse kuko nabyemeye kandi kugeza ubu akaba ntawali wabinsaba. Uretse nibyo naba mbakekeye ko muzandwanyiliza candidature, ibyiza rero nkaba nabona ko nayihorera nkazabyemezwa nuko ntabiye kuli liste. Munyumve neza sindwanya candidature ya Habyalimana icyo nyivugaho ni ko inyuranije n'amasezerano kandi hali ubulyo bwo kubirangiza neza bitishe amasezerano. Koko amasezearano twagiranye ni zero ntacyo avuze, umuntu ashobora kuyanyuraho uko ashatse?
Ikibabaza ni ukugira undi impumyi, ndakeka ko mutali muzi ko mbizi cyanga se mbibona. Mbyihorera mbiruzi ni igitumye mbibabwira ni uko muli abavandimwe nubwo muli abategetsi bwose, gusa mbifashe kuli côté y'ubuvandimwe kuko mubutegetsi hashobora kuboneka za conséquences zitali nke kuko ngo la vérité blaisser.

Ibyo byaba ali nabyo naba natapfuye na Nkikabahizi mubwiye ukuli ati icyo nashakaga ni ukukumenya noneho hama nkurwanye.

Nkuko nzi ko mutali kimwe niyo mpamvu itumye mbivuga naho ubundi nali nfite expérience ihagije yanshecekesheje, nkajya mpitamo kwifata imbere y'ukuli cyanga se ibyo mbona kuli bagenzi banjye bose.

Sinarangiza ntababajije uko mubyumva ni icyo mubitekerezaho.

Gashakabuhake :Turagushimiye kuba utumenyesheje ibyo bintu, mukuli kose utweretse ubwizere udufitiye buvanze n'ubuvandimwe dusanganywe. Hali byinshi koko twaguhemukiyeho, ntitwakwizera aliko ubu ndabona ko wowe na Habyalimana mwali mukwiye kumvikana ntimumuvunishe kandi tumaze kumenya ibidutegereje imbere nkuko umaze kubitubwira.

Habyalimana :Mushimiye mukuba mu kuli kose yaramenye impamvu yatumye tumuhisha ibyerekeye kuba Résponsable. Nikoko natinye ko nazagaragulirwa i Rubengera n'abanshiye mpitamo ko natorerwa muli Komini. Ikosa ni uko tutabikumenyesheje. Ibyerekeye kwiyamamaza ushatse ndabona ko najye ntacyatuma ntakwiyamamaza.

Niyamamaze

Gashakabuhake :Ndababona ko mwakumvikana ntimwiyamamaze mwembi.

Munyangabe :Sinshobora kubireka kuko naba mpemutse narabyemeye kandi kugeza ubu ntawe ubinsaba.

Habyalimana :Uziyamamaze nanjye nzabigira, uzabona amajwi azaba Député.

Gashakabuhake :Mugiye kungonganira hejuru, mukuli kose mukwiye koroherana.

Munyangabe :Icyo nemeye naracyemeye, icyo twasezeranye ngomba kukirangiza, kandi amasezerano akurwa n'andi, mugihe bitabaye bityo simbyemera.

Gashakabuhake :Ubu biragaragara ko mugiye kungilira nabi. Ntabwo muzaba mwembi ba depite kandi nanjye ndasanga bikomeye kuzabamamaza. Ndababaza kubyumvikanaho.

Habyalimana :Aziyamamaze nanjye nziyamamaza.

Gashakabuhake :Mbasabye ko tuzahura le 1 juin 1969, tukabisubiraho mukumvikana.

Kuli iyo tariki Habyalimana yiliwe i Rubengera aho yali yagiye muli inauguration y'Urusengero rw'Abadventisti.

Twembi rero nkuko byali bimaze kunanirana twatanze candidature z'Ubudepite mu ma Komini 9 yose mbona amajwi 15 nkuko Habyalimana yabivuze haruguru niko bili.

Kuva ubwo ubwumvikane bwanjye n'abo bagabo bombi bwatangiye kumera nabi, batangira ubwo kujya bamvuga uko ntali aliko bungorera ikimbabaza ni uko batabishyira ahagaragara ngo tubiburane bivurwe.

MUNYANGABE Michel.

Le 30/8/69 nagize visite ya Ministre Nzanana na Sindabyemera ubwo bansabye kuzabageza kwa Gashakabuhake wali wabatumiye aliko bakazagenda barangije ibyo kwa Nkikabahizi wabatumiye. Hose nali nahatumiwe kandi hali niyo aide nagombaga gutanga. Byose nabirangije neza kandi n'uwantumiye namubwiye icyantindije, yaba rero atarakubwiye kuko bitakurebaga? Ubwo byakubabaje rero uzamubaze. Le 3/9/69 nagize visite ya Gashonga na Nkikabahizi. Uwabikubwiye ntiyakubeshye. Kuvuga ko utazagenda aho wanzwe sinabikugaya aliko les circonstances zishobora kukujyanayo pe. Ku Isakramentu rya 67, igihe Gashakabuhake arwanye ngira ngo si wowe cyanga we wali wishimiye gufata ikirahuli hamwe n'abanzi cyanga se muli côté yabo. Igihe bashingaga Comité ya gasegereti nubwo byapfuye bwose, nubwo utali wishimiye gufatanya nabo bwose wali uhali kandi waliyamamaje nubwo utatowe bwose. Igihe wakoreshaga umunsi mukuru wabakozi, le 1/5/68; Nkikabahizi ntiyahazanye na Rutabagisha baturutse mu Gisovu? Si we se wubashye cyane kurusha 92% mubo mubana wali watumiye. Kuki ibyo tutabibona nabi aliko wowe ukaba udatinya kwandika ngo nasangiye na Nkikabahizi, aliko ukibagirwa n'igihe mwaburanaga bicika wamutwaraga uretse gusangira nawe mu modoka yawe. Bibaye impamo koko uruvuga undi ntirubura. Nkikabahizi ko ali Umuparmehutu, ko mwasangiye inshuro udashobora kubara ndetse ko wanamutumiye iminsi itali mike nko kuli le 4/12/67, ko wali wamutumiye, uretse ko ataje iyo ajya kuza ntimwajyaga gusangira. Le 1/5/68 ko utamunennye????

Kuvuga ko twembi tuli ingabo za Gashakabuhake nta nalimwe ntabi mbizi, kuko iyo ujya kubimenya utyo mukuli kose uba warumvise inama za byose bagatungana mu bwumbikane. Umurongo uvuga twataye yashatse kuwutugumishamo twembi gusa waje kugira attraction nini cyane uramutwara kandi muby'ukuli ntiyashoboraga kuba hagati nkuko nabibabwiye le 20/5/69 iwanjye. Aho rero si aho umugabo agaya undi kandi sinakwirengagiza ko umuntu ali umuntu ngo nigire umumalayika nkawe n'est-ce pas?

Urangiza wavuze ko umbwiye bike utayobewe byinshi byanjye by'impuha, by'uburyarya, by'ibinyoma, by'inzangano, ko kandi utabuze impapuro zo kubimbwira. Rwose muvandimwe, umbereye mukuru kabili; mubuvuke no muli Parti. Kumenya aho ibintu bimeze bityo ntumpama kandi uzi ko Umuparmehutu agomba guhana mugenzi we, ibyo koko ubyita ububane n'ubuvandimwe?? Ko ukuli nkubwira se ukwita impuha wowe nyirako wakumbwiye ko utabuze impapuro n'imashini nkagaruka ku murongo nk'uko ubunyifuliza kandi ukanamenyesha ni uwo ali wo kuko jyewe nzi ko ntawo nataye.

Ntutangazwe rero nuko nanditse 4 pages ni 10 nazandika aliko nkabwira umuvandimwe ukuli kwanjye nubwo yakwita impuha bwose ntacyo biba bitwaye. Nawe abugize akabona ko nabyita ibitutsi yaba agaya ukuli kwe. Ubundi yakuvuze kuko uwo yaba abwira sinahakana yenda ko atabonamo ibitutsi aliko yabishyira uruhande rumwe ukuli kugafata urundi.

Umwanzuro: 1-Igitabo wemera uzakintirutire igihe uzashakira.

2-Wingira umwanzi utampaye ibimenyetso.

3-Wingira indyarya, umunyabinyoma, umunyampuha, mugihe utabigaragaza. nubwo ubyemeza bwose.

4- Wibwira kunena abantu kandi musangira ahubwo shaka les circonstances.

5-Kubahana, kudatabana munama, kwizerana nibyo byashyigikira uwo * tubereye ingabo twese.

6-Guhanana, kuvugisha ukuli, kwilinda amabwire, kudahishana nibyo bizatwubakira.

Ibyo ntagihe ntabikoze ubu ndabikoze.

Mugire amahoro.

Fraternellement vôtre

MUNYANGABE Michel.- sé.

Pour copie certifiée sincère et conforme à l'originale

MUNYANGABE Michel.-

Entretien nagiranye na Bwana Habyalimana Joseph hamwe na Gashakabuhake David iwanjye nkuko nabivuze muli baruwa nandikiye Bwana Joseph le 9/octobre 1969 nkuko nabivuze muli N.B.

---

Le 20 mai 1969 natumiye iwanjye Bwana Responsable aliwe Habyalimana Joseph na Bourgmestre aliwe Gashakabuhake David.
Icyo nali nabahamagaliye nagirango twige ibyerekeye itora ryali ryegereje no kugirango tutazaligonganiramo nkuko byali byabaye mu lya Komini, umwe muli bagenzi bacu akaduhemukira.
Ngira ngo mwabibonye mu barwa twandikiranye na Habyalimana ntacyo ahakana kuli iyo nama nama ni nayo mpamvu nifuza kubaha imigambi yayo yose ibyayivugiwemo. Kubera ko nali natumiye kuva le 25 mars 1969 ntibaze kugeza icyo gihe nali narabyanditse ngo nibaboneka nzabisoma aho kuguma ku ijambo limwe gusa. Twavuze ingingo 3 aliko iyerekeranye niyo navuze mu barwa haruguru niyo ngiye gutanga.

<u>Itora tugamije:</u>

Ubu tuli mu gihe kitoroshye kegereje itora. Ntiryaba rero likwiye kuduteranya ahubwo kutwongerera imbaraga. Mbere yilishize twali 4 lidukuramo umuntu dusigara tuli batatu. Uwo yatwiciye amasezerano, twese turamugaya ndetse dutangira kumutinya no kumuregera abavandimwe. Uwo ni Sekabwa Alexis waduteye umuruho utoroshye mu itora lishize. Uko twasigaye natwe iyo ndwara yaradufashe kuko amasezerano twagiranye hafi yayose yapfuye nubwo nta nduru yavuze bwose.

Muli, 67 aho dusigaliye tuli 3 twakoze plan kuli ubu bulyo:

| | |
|---|---|
| -Gashakabuhake | : Gukorerwa propagande akaba Bourgmestre gusa. |
| -Habyalimana | : Gukorerwa propagande akaba conseiller, membre du Bureau local et du Secrétariat Régional. |
| -Munyangabe | : Gukorerwa akaba conseiller, membre du Bureau local, membre du Secrétariat Régional et candidat député pour les élections de 69. |

Ibyo ngirango siko bikimeze.
Hali indi plan twakoreye kuli barrage ku Kibuye nayo yapfuye. Iyo plan yali yakozwe igihe Habyalimana yali yarahagalitswe muli Parti none ho ikorwa ityo: Kubera ko dushobora gutora Comité igihe Habyalimana yahawe ngo ababalirwe kitarashira, Munyangabe azatorerwe ubu Résponsable. Habyalimana abe Rappoerteur-Buguranzira Marc abe Trésorier local. Habyalimana yaje kubabalirwa igihe yahawe kidashize aliko iyo plan iguma ityo kugeza baraye balibutore Comité local. Nasanze yenda Habyalimana yaba ashaka ko iyo plan yahinduka nihutira kujya i Gishyita kubaza Gashakabuhake ko hali icyo yabimenyaho ngo hato tutazagonganira mubyacu. Uyu yambwiye ko atazi igitekerezo cya Habyalimana ko aliko agiye kumwandikira akazamenyesha igisubizo mu gitondo. Mu gitondo Habyalimana niwe waje gutoresha aho nali naramutse nshise amavi ngo abo twifuza babe alibo bahita ntiyagira icyo ambwira ndetse ni nawe watujyanye i Gishyita itora ryahongaho lirangiye.
Mpuye na Gashakabuhake nti ese yagusubije iki? Ati: ni kwakundi. Ubwo rero abo tuzanye bararahira barangije tujya gutora nzi ko alijye Résponsable.
Ijwi nabonye n'iryanjye gusa nta lindi. Icyambabaje ni impamvu yatumye mutanyizera ngo mumbwire kandi byali byampagurukije ku Mubuga bikanzana i Gishyita nanga ko twagonganira mubyacu. Iyo mumbwira ko mwabonye ko Habyalimana yazahita difficilement muli les 7 kubera ibyo yali yagiliwe, akabona ko guhitira muli Komini alibyo byoroshye nubwo byali byarangiye najyaga kubyemera no kubyumva, kandi ninayo mpamvu y'ukuli naho izindi zaboneka byaba ali ukubeshya. Ikindi kibigaragaza ni uko tukimara kuhagera, bakimara kurahira twahise dutora bureau nta propagande. Uretsectwembi ntawundi washoboraga kuducaho ni icyambabaje cyane ni uko ibyo nali nabivuze mbere. Ibyo sinabyitayeho cyane kuko mukuli aliwowe ali nanjye nasangaga ali kimwe.

Igihe cyo gutora abalindwi kigeze mwongeye kwica amasezerano Ntavuze byinshi murabizi ko ntagiramo umwanya kandi alimwe mubiteye.

Ejobundi ngiye kumva numva ngo Habyalimana ngo aziyamamaza mbona ali ibihuha kuko ntatekerezaga ko ashobora kubigira tutabanje kubyumvikanaho. Nabyemeye aho abivugiye tuli kumwe mu Rudahandwa.
Nibaza impamvu biranyobera nsanga tugiye gutera une situation twaba tutaratekereje bihagije. Ubu, muravuga ko twakwiyamamaza twembi ni byiza aliko halimo byinshi. Mwembi muli les membres du Secrétariat, kwiyamamaza twembi bigomba kutwicira twembi, ibyiza ni uko hagumaho umwe undi agasigara mu nkangara ya Secrétariat Régional. Mutabigize mwaba mutazi politique kuko niyo nabona amajwi 300, ntihabura abenshi bantora jyenyine bagatora n'abandi bahandi ba bazi.
Nka 200 yagabanuka kubera iyo mpamvu. Abanyamamaza niyo nagira bake bwose,

. . . . / . . . .